

## ***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

### **A. Amategeko/Laws/Lois**

#### **N°03/2012 ryo kuwa 15/02/2012**

Itegeko rigena imikoreshereze y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda.....2

#### **N°03/2012 of 15/02/2012**

Law governing narcotic drugs, psychotropic substances and precursors in Rwanda.....2

#### **N°03/2012 du 15/02/2012**

Loi portant réglementation des stupéfiants, substances psychotropes et précurseurs au Rwanda.....2

#### **N°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012**

Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta.....31

#### **N°04/2012 of 17/02/2012**

Law governing the organisation and the functioning of national non-governmental organizations.....31

#### **N°04/2012 du 17/02/2012**

Loi portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales.....31

#### **N°05/2012 ryo kuwa 17/02/2012**

Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango mvamahanga itari iya Leta.....61

#### **N°05/2012 of 17/02/2012**

Law governing the organisation and functioning of international non governmental organizations.....61

#### **N°05/2012 du 17/02/2012**

Loi régissant l'organisation et le fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales.....61

#### **N°06/2012 ryo kuwa 17/02/2012**

Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini.....84

#### **N°06/2012 of 17/02/2012**

Law determining organisation and functioning of religious-based organisations.....84

#### **N°06/2012 du 17/02/2012**

Loi portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion.....84

ITEGEKO N°03/2012 RYO KUWA 15/02/2012  
RIGENA IMIKORESHEREZE  
Y'IBIYOBWENGE N'URUSOBE RW'IMITI  
IKORESHWA NKA BYO MU RWANDA

LAW N°03/2012 OF 15/02/2012 GOVERNING  
NARCOTIC DRUGS, PSYCHOTROPIC  
SUBSTANCES AND PRECURSORS IN  
RWANDA

LOI N° 03/2012 DU 15/02/2012 PORTANT  
REGLEMENTATION DES  
STUPEFIANTS, SUBSTANCES  
PSYCHOTROPES ET PRECURSEURS  
AU RWANDA

ISHAKIRO

TABLES OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Ingingo ya 3: Ibyiciro by'ibiyobyabwenge

Article 3: Classification of narcotic drugs

Article 3: Classification des stupéfiants

Ingingo ya 4: Iyandikwa, ihindurwa n'ikurwa ku  
mbonerahamwe

Article 4: Registration, modification and  
radiation from tables

Article 4: Inscription, modification et  
radiation des tableaux

Ingingo ya 5: Itegurwa

Article 5: Preparation

Article 5 : Préparation

UMUTWE WA II: IBIYOBWENGE  
N'URUSOBE RW'IMITI IKORESHWA  
NKABYO BYEMEWE N'AMATEGEKO

CHAPTER II: LICIT NARCOTIC DRUGS  
AND PSYCHOTROPIC SUBSTANCES

CHAPITRE II: STUPEFIANTS ET  
SUBSTANCES PSYCHOTROPES  
LICITES

Ingingo ya 6: Ibibujijwe

Article 6: Prohibition

Article 6: Prohibition

Ingingo ya 7: Uburenganzira

Article 7: Authorization

Article 7: Autorisation

Ingingo ya 8: Gukora ibiyobyabwenge cyangwa  
indi miti ikoreshwa nka byo

Article 8: Production of narcotic drugs and  
psychotropic substances

Article 8: Production des stupéfiants et des  
substances psychotropes

Ingingo ya 9: Abemerewe gukwirakwiza

Article 9: People authorized to distribute

Article 9: Personnes autorisées à distribuer

|                                                                                                              |                                                                                               |                                                                                                    |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------|
| ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo                                                          | narcotic drugs and psychotropic substances                                                    | les stupéfiants et les substances psychotropes                                                     |
| <u>Ingingo ya 10:</u> icyemezo gitangwa n'ubuyobozi                                                          | <u>Article 10:</u> Official certificate                                                       | <u>Article 10:</u> Certificat officiel                                                             |
| <u>Ingingo ya 11:</u> Inyandiko z'ubucuruza                                                                  | <u>Article 11:</u> Commercial documents                                                       | <u>Article 11:</u> Documents commerciaux                                                           |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Ibiro bya gasutamo bishinzwe ibicuruzwa byinjira mu gihugu                             | <u>Article 12:</u> Customs offices of entry                                                   | <u>Article 12:</u> Bureaux de douane d'entrée                                                      |
| <u>Ingingo ya 13:</u> Gutumiza no kohereza mu mahanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo           | <u>Article 13:</u> Import and export of narcotic drugs and psychotropic substances            | <u>Article 13:</u> Importation et exportation des stupéfiants et des substances psychotropes       |
| <u>Ingingo ya 14:</u> Kunyuzwa mu gihugu                                                                     | <u>Article 14:</u> Transit                                                                    | <u>Article 14:</u> Transit                                                                         |
| <u>Ingingo ya 15:</u> Abikorezi b'ibicuruzwa                                                                 | <u>Article 15:</u> Commercial transporters                                                    | <u>Article 15:</u> Transporteurs commerciaux                                                       |
| <u>Ingingo ya 16:</u> Kugura                                                                                 | <u>Article 16:</u> Purchase                                                                   | <u>Article 16:</u> Achat                                                                           |
| <u>Ingingo ya 17:</u> Abafite uburenganzira bwo kwemeza gutanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo | <u>Article 17:</u> People authorised to prescribe narcotic drugs and psychotropic substances  | <u>Article 17:</u> Personnes autorisées à prescrire les stupéfiants et les substances psychotropes |
| <u>Ingingo ya 18:</u> Gutegura no gutanga ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo                       | <u>Article 18:</u> Preparation and distribution of narcotic drugs and psychotropic substances | <u>Article 18:</u> Préparation et distribution des stupéfiants et des substances psychotropes      |
| <u>Ingingo ya 19:</u> Ibikwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo                                 | <u>Article 19:</u> Conservation of narcotic drugs and psychotropic substances                 | <u>Article 19:</u> Conservation des stupéfiants et des substances psychotropes                     |
| <u>Ingingo ya 20:</u> Ifunikwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo                               | <u>Article 20:</u> Packaging of narcotic drugs and psychotropic substances                    | <u>Article 20:</u> Conditionnement des stupéfiants et des substances psychotropes                  |
| <u>Ingingo ya 21:</u> Iyamamazwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo                             | <u>Article 21:</u> Advertisement of narcotic drugs and psychotropic substances                | <u>Article 21:</u> Publicité des stupéfiants et des substances psychotropes                        |
| <u>Ingingo ya 22:</u> Isenywa ry'ibiyobyabwenge n'indi                                                       | <u>Article 22:</u> Destruction of narcotic drugs and                                          | <u>Article 22:</u> Destruction des stupéfiants et des                                              |

| miti ikoreshwa nka byo                                                          | psychotropic substances                                             | substances psychotropes                                              |
|---------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------|
| <b>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b>              | <b>CHAPTER IV: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b> | <b>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</b>   |
| <u>Ingingo ya 23: Raporo</u>                                                    | <u>Article 23: Report</u>                                           | <u>Article 23: Rapport</u>                                           |
| <u>Ingingo ya 24: Ikumirwa ry'ibinyobwa bitemewe</u>                            | <u>Article 24: Prohibition of unauthorized drinks</u>               | <u>Article 24: Interdiction des boissons non autorisées</u>          |
| <u>Ingingo ya 25: Ibindi bifatwa nk'ibiyobyabwenge</u>                          | <u>Article 25 : Other substances considered as narcotic drugs</u>   | <u>Article 25 : Autres substances considérées comme stupéfiants</u>  |
| <u>Ingingo ya 26: Ibihano</u>                                                   | <u>Article 26: Penalties</u>                                        | <u>Article 26: Peines</u>                                            |
| <u>Ingingo ya 27: Komite ihuriweho na za Minisiteri</u>                         | <u>Article 27: Inter-Ministerial Committee</u>                      | <u>Article 27: Comité interministériel</u>                           |
| <u>Ingingo ya 28: Igihe cy'inzibacyuho</u>                                      | <u>Article 28: Transitional period</u>                              | <u>Article 28 : Période transitoire</u>                              |
| <u>Ingingo ya 29: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko</u>                 | <u>Article 29: Drafting, consideration and adoption of this law</u> | <u>Article 29: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u> |
| <u>Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u> | <u>Article 30: Repealing provision</u>                              | <u>Article 30: Disposition abrogatoire</u>                           |
| <u>Ingingo ya 31: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u>                    | <u>Article 31: Commencement</u>                                     | <u>Article 31: Entrée en vigueur</u>                                 |

**ITEGEKO N°03/2012 RYO KUWA 15/02/2012  
RIGENA IMIKORESHEREZE  
Y'IBIYOBWENGE N'URUSOBE RW'IMITI  
IKORESHWA NKA BYO MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI  
DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI  
YA LETA YA REPUBLIKA Y' U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 10  
Ugushyirye 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u  
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko  
ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya  
93, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku masezerano ku biyobyabwenge ya New  
York yo kuwa 30 Werurwe 1961, yahinduwe  
n'umugereka wo kuwa 25 Werurwe 1972, nk'uko  
yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 172/14 ryo kuwa  
16/04/1981;

**LAW N°03/2012 OF 15/02/2012 GOVERNING  
NARCOTIC DRUGS, PSYCHOTROPIC  
SUBSTANCES AND PRECURSORS IN  
RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic ;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE  
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of  
10 November 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in Articles 41, 62, 66, 67, 90, 92, 93,  
108 and 201;

Pursuant to the New York Single Convention on  
narcotic drugs of 30 March 1961, as amended by  
the Protocol of 25 March 1972 and ratified by the  
Presidential Order n° 172/14 of 16/04/1981;

**LOI N°03/2012 DU 15/02/2012 PORTANT  
REGLEMENTATION DES  
STUPEFIANTS, SUBSTANCES  
PSYCHOTROPES ET PRECURSEURS  
AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA  
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET  
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE  
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 10  
novembre 2011;

Vu la Constitution de la République du  
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce  
jour, spécialement en ses articles 41, 62, 66,  
67, 90, 92, 93, 108 et 201;

Vu la Convention unique de New York sur les  
stupéfiants du 30 mars 1961, amendée par le  
protocole du 25 mars 1972 telle que ratifiée par  
l'Arrêté Présidentiel n° 172/14 du 16/04/1981;

*Official Gazette n° 15 of 09/04/2012*

|                                                                                                                                                                                                                                                                                 |                                                                                                                                                                                                                                 |                                                                                                                                                                                                                                            |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Ishingiye ku masezerano y'i Vienne yo kuwa 21 Gashyantare 1971, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 172/14 ryo kuwa 16/04/1981;                                                                                                                                              | Pursuant to the Vienna Convention on psychotropic substances, of 21 February 1971 as ratified by the Presidential Order n° 172/14 of 16/04/1981;                                                                                | Vu la Convention de Vienne sur les substances psychotropes du 21 février 1971 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 172/14 du 16/04/1981;                                                                                        |
| Ishingiye ku masezerano y'Umuryango w'Abibumbye arwanya ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo yo kuwa 19/12/1988, cyane cyane mu ngingo zayo iya 3, iya 4, iya 5, iya 6 n' iya 12, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 47/01 ryo kuwa 14/04/2002; | Pursuant to United Nations convention against the illicit trafficking of drugs and psychotropic substances of 19/12/1988 especially in Articles 3, 4, 5, 6 and 12 as ratified by the Presidential Order n° 47/01 of 14/04/2002; | Vu la Convention des Nations Unies contre le trafic illicite de stupéfiants et de substances psychotropes du 19/12/1988 spécialement en ses articles 3, 4, 5, 6 et 12 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 47/01 du 14/04/2002; |
| Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 57/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'inkiko, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;                                                                                                                 | Pursuant to the Organic Law n° 57/2008 of 09/09/2008 governing code of organisation, functioning and judicial competence, as modified and complemented to date;                                                                 | Vu la Loi Organique n° 57/2008 du 09/09/2008 portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires, telle que modifiée et complétée à ce jour;                                                                             |
| Ishingiye ku Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zayo iya 271, iya 272, iya 273, iya 274, iya 275, iya 276 n' iya 277;                                           | Pursuant to Decree-Law n° 21/77 of 18/08/1977 establishing the Penal Code as modified and complemented to date, especially in Articles 271, 272, 273, 274, 275, 276 and 277;                                                    | Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18/08/1977 instituant le Code Pénal tel que modifié et complété à ce jour, spécialement en ses articles 271, 272, 273, 274, 275, 276 et 277;                                                                  |
| Ishingiye ku Itegeko n° 12/99 ryo kuwa 02/07/1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti cyane cyane mu ngingo zayo guhera iya 65 niya 74;                                                                                                                                              | Pursuant to the Law n° 12/99 of 02/07/1999 relating to the pharmaceutical art especially in its Articles 65 and 74;                                                                                                             | Vu la Loi n° 12/99 du 02/07/1999 relative à l'art pharmaceutique spécialement en ses articles 65 et 74;                                                                                                                                    |
| Ishingiye ku Itegeko n° 13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 rigena imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;                                                                                                                               | Pursuant to Law n° 13/2004 of 17/05/ 2004 relating to the Code of Criminal Procedure, as modified and complemented to date;                                                                                                     | Vu la Loi n° 13/2004 du 17/05/2004 portant code de procédure pénale, telle que modifiée et complétée à ce jour;                                                                                                                            |

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOpte:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena ibijyanye no gukora, gutunganya, gukwirakwiza, no gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura:

- 1° **Gukwirakwiza ibiyobyabwenge:** ibikorwa byose bijyanye no gutumiza no kohereza ibiyobyabwenge mu mahanga, ubwikorezi, kunyuza ku butaka bw'igihugu, kubyakira, kubitanga, kubitangaho impano, gukoresha ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo;
- 2° **Ibyifashishwa mu ikora ry'ibiyobyabwenge:** ibintu bikunze gukoreshwa mu ikorwa ry'ibiyobyabwenge ritemewe n'amategeko n'indi miti ikora nka byo igaragara kuri rumwe mu ntonde zemejwe n'amasezerano y'i Vienne yo mu 1988;
- 3° **Icyemezo cy'ubuyobozi:** inyandiko yatanze na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze yemera ugusohoka, ukwinjira n'ukunyuza ku butaka bw'igihugu kw'ibiyobyabwenge

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law regulates the production, processing, distribution and use of narcotic drugs, psychotropic substances and precursors in Rwanda.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Law, the following terms shall be defined as follows:

- 1° **Distribution of narcotic drugs:** all activities related to importation, exportation, transport, transit, acquisition, detention, offer, disposal as donation, use on the national territory the narcotic drugs and psychotropic substances;
- 2° **Precursors:** chemicals frequently utilised in the illegal manufacture of narcotic drugs and psychotropic substances appearing on one of the Tables of the 1988 Vienna Convention;
- 3° **Official certificate:** document issued by the Minister in charge of health authorising importation, exportation and transit on the national territory of narcotic

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi régleme la production, la distribution et l'usage des stupéfiants, substances psychotropes et précurseurs au Rwanda.

**Article 2: Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes ci-après sont définis comme suit:

- 1° **Distribution des stupéfiants:** toutes les activités liées à l'importation, à l'exportation, au transport, au transit, à l'acquisition, à la détention, l'offre, la cession à titre de don, l'emploi sur le territoire national des stupéfiants et des substances psychotropes;
- 2° **Précurseurs:** substances fréquemment utilisées dans la fabrication illicite de stupéfiants et de substances psychotropes et figurant à l'un des Tableaux de la Convention de Vienne de 1988;
- 3° **Certificat officiel:** document délivré par le Ministre ayant la santé dans ses attributions autorisant l'importation, l'exportation et le transit sur le

|                                                                                                                                                                                                                                                       |                                                                                                                                                                                                                       |                                                                                                                                                                                                                                              |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo cyitwa «icyemezo»;                                                                                                                                                                                               | drugs and psychotropic substances, hereby referred to as "Certificate";                                                                                                                                               | territoire national des stupéfiants et substances psychotropes, ci-après dénommée «Certificat»;                                                                                                                                              |
| 4° <b>Igenzura ry'ibiyobyabwenge:</b> ibikorwa bigamije gukumira ikorwa, ikwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'indi miti ikoreshwa nka byo, bigakoreshwa gusa nk'imiti yo mu buvuzi no mu bushakashatsi;                                       | 4° <b>Narcotic drugs control:</b> activities aimed at limiting production, distribution and use of narcotic drugs and psychotropic substances for solely medical and scientific purposes;                             | 4° <b>Contrôle de stupéfiants:</b> activités visant à limiter la production, la distribution et l'usage des stupéfiants et des substances psychotropes uniquement à des fins médicales et scientifiques;                                     |
| 5° <b>Ikiyobyabwenge:</b> ikintu cyose gihindura imitekerereze n'imyitwarire bikagira ingaruka ku buzima bw'umuntu, cyaba kinyowe, gihumetswe cyangwa gitewe mu rushinge, n'ubundi buryo bwose cyafatwamo;                                            | 5° <b>Narcotic drug:</b> chemical substance that affects the processes of the mind or body and whose consumption whether swallowed, sniffed or by way of any other mode exerts impact on human health;                | 5° <b>Stupéfiant:</b> substance chimique susceptible de causer des perturbations physiques ou mentales et dont la consommation soit par la bouche, aspiration, injection ou toute autre voie présente des conséquences sur la santé humaine; |
| 6° <b>Ikoresha nabi n'ikoresha ritemewe ry'ibiyobyabwenge:</b> ikoresha ry'ibiyobyabwenge bitemewe cyangwa ibikumiriwe bitategetswe na muganga;                                                                                                       | 6° <b>Narcotic drugs abuse and illicit use:</b> use of prohibited or controlled narcotic drugs without medical prescription;                                                                                          | 6° <b>Abus et usage illicite des stupéfiants:</b> usage des stupéfiants prohibés ou placés sous contrôle sans prescription médicale;                                                                                                         |
| 7° <b>Ikoresha ry'ibiyobyabwenge:</b> ukwandikira umuntu ibiyobyabwenge cyangwa imiti ikoreshwa nka byo, kubimuha, kubyamamaza, kubifunika, kubishyiraho ikirango, kubihindagura ubikoresha, kubitanga, kubyakira, kubihunika, kubibarura, kubisenya; | 7° <b>Use of narcotic drugs:</b> prescription, dispensation, advertisement, packing, labelling, manipulation, delivery, detention, conservation, inventory, destruction of narcotic drugs or psychotropic substances; | 7° <b>Usage des stupéfiants:</b> prescription, distribution, publicité, conditionnement, étiquetage, manipulation, délivrance, détention, conservation, inventaire, destruction des stupéfiants ou substances psychotropes;                  |
| 8° <b>Ikorwa ry'umuti:</b> imirimo yose ijyanye n'ihingwa, ikorwa n'itegurwa ry'imiti y'ibiyobyabwenge n'indi miti yose ikora nka                                                                                                                     | 8° <b>Production:</b> all activities related to the growing, manufacture and preparation of narcotic drugs and psychotropic                                                                                           | 8° <b>Production:</b> activités liées à la culture, la fabrication et la préparation des stupéfiants et des substances                                                                                                                       |

- |                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |                                                                                                                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                                                                                                                        |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| byo bikorewe ku butaka bw'igihugu;                                                                                                                                                                                                                                                                | substances on the national territory;                                                                                                                                                                                                   | psychotropes sur le territoire national;                                                                                                                                                                                                                               |
| 9° <b>Itambutswa ry'ibiyobyabwenge:</b> ugucisha ku butaka bw'igihugu n'ihunikwa by'igihe gito mbere yo koherezwa mu mahanga kw'ibiyobyabwenge cyangwa indi miti ikoreshwa nka byo;                                                                                                               | 9° <b>Transit:</b> movement through the national territory and a temporary stock before re-exportation of narcotic drugs and psychotropic substances;                                                                                   | 9° <b>Transit:</b> passage sur le territoire national ainsi que le dépôt temporaire avant réexportation des stupéfiants ou des substances psychotropes;                                                                                                                |
| 10° <b>Kohereza ibiyobyabwenge mu mahanga:</b> ugusohora ku buryo bwemewe n'amategeko uvana ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo byoherejwe n'umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe ry'abantu bari mu gihugu yitwa "Uwohereza ibicuruzwa mu mahanga"; | 10° <b>Exportation of narcotic drugs:</b> legal exit from the national territory the narcotic drugs or psychotropic substances by a natural person or an organisation established in the country, referred to as "exporter";            | 10° <b>Exportation des stupéfiants:</b> sortie licite du territoire national des stupéfiants ou substances psychotropes par une personne physique ou une association des personnes établie dans le pays, ci-après dénommée "exportateur";                              |
| 11° <b>Kwinjiza ibiyobyabwenge mu gihugu:</b> ukwinjiza ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo mu buryo bwemewe n'amategeko bizanywe n'umuntu ku giti cye, Leta cyangwa ishyirahamwe ry'abantu bakorera mu gihugu, yitwa «Utumiza ibicuruzwa mu gihugu»;                   | 11° <b>Importation of narcotic drugs:</b> legal entry on the national territory of the narcotic drugs or psychotropic substances by a natural person, Government or organisation established in the country, referred to as "importer"; | 11° <b>Importation des stupéfiants:</b> introduction licite sur le territoire national des stupéfiants ou substances psychotropes par une personne physique, le Gouvernement ou une association des personnes établie dans le pays, ci-après dénommée « importateur »; |
| 12° <b>Ubucuruzi bw'ibiyobyabwenge butemewe n'amategeko:</b> ihingwa n'ibindi bikorwa byose bitemewe bijyanye n' ibimera cyangwa uruvange rw'imiti yemejwe ko igenzurwa;                                                                                                                          | 12° <b>Illicit trafficking of narcotic drugs:</b> growing and any other illegal activity on plants or any controlled substances;                                                                                                        | 12° <b>Trafic illicite des stupéfiants:</b> la culture et toutes les autres activités illégales portant sur des plantes ou les substances placées sous contrôle;                                                                                                       |
| 13° <b>Umuti:</b> ikintu cyose giteguwe cyangwa gikozwe mu buryo kigaragaza ubushobozi bwo kurinda, kuvura indwara z'abantu cyangwa z'inyamaswa, kimwe n'ikindi cyose cyakorewe guhabwa umuntu cyangwa itungo                                                                                     | 13° <b>Medicine:</b> any chemical, preparation or composition possessing preventive or curative properties in regards to human or animal illnesses as well as any product intended to be administered to a human or                     | 13° <b>Médicament:</b> toute substance, préparation ou composition présentée comme possédant des propriétés préventives ou curatives à l'égard des maladies humaines ou animales ainsi                                                                                 |

hagamijwe gusuzuma, kugarurira ubuzima, gukosora cyangwa guhindura imikorere y'ingingo z'umubiri cyangwa ibice byawo;

animal so as to establish a medical diagnosis, restore, correct or modify their organic or physical functions;

que tout produit destiné à être administré à une personne ou à un animal en vue d'établir un diagnostic médical, restaurer, corriger ou modifier leurs fonctions organiques ou physiques;

**14° Umuti ugenzurwa:** ikiyobyabwenge gikoreshwa nk'umuti n'ibyifashishwa mu gukora imiti mu butabire byemejwe n'iri tegeko bigenzurwa ku butaka bw'igihugu;

**14° Controlled substance:** a narcotic drug used as a medicine and precursors put under control on the national territory in accordance with this law;

**14° Substance placée sous contrôle:** stupéfiant utilisé comme médicament et les précurseurs soumis à un contrôle sur le territoire national en vertu de la présente loi;

**15° Umuti utunganyirijwe muri farumasi:** umuti wateguriwe muri farumasi n'umuhanga mu by'imiti wabyemerewe cyangwa imiti yihariye yateguriwe mu ruganda rw'imiti byitwa "Itegurwa";

**15° Pharmaceutical preparation:** medicine made in a pharmacy by a pharmacist authorised to do so, or a pharmaceutical specialities made in a pharmaceutical industry referred to as "Preparation";

**15° Préparation pharmaceutique:** médicaments fabriqués dans une pharmacie par un pharmacien autorisé ou les spécialités pharmaceutiques fabriquées dans l'industrie pharmaceutique ci-après dénommée « Préparation » ;

**16° Urusobe rw'imiti ikorehwa nk'ibiyobyabwenge:** ikintu cyose cyaba cyarakorewe mu ruganda cyangwa ikitarakorewe mu ruganda kigaragara kuri rumwe mu ntonde zemejwe n'Amasezerano y'i Vienne yo kuwa 21 Gashyantare 1971.

**16° Psychotropic substances:** any chemical be it natural or of synthetic origin appearing on one of the tables of the Vienna Convention on psychotropic substances, of 21 February 1971.

**16° Substance psychotrope:** toute substance qu'elle soit d'origine naturelle ou synthétique figurant sur l'un des Tableaux de la Convention de Vienne sur les substances psychotropes du 21 février 1971.

**Ingingo ya 3: Ibyiciro by'ibiyobyabwenge**

Ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikorehwa nka byo bivugwa muri iri tegeko bishyizwe mu byiciro bitatu (3), icya I, icya II, n'icya III hakurikijwe ibyemezo by'igenzura byabifatwe mu masezerano ku biyobyabwenge ya New York yo kuwa 30 Werurwe

**Article 3: Classification of narcotic drugs**

The narcotic drugs and psychotropic substances referred to in this law shall be classified in three (3) categories: I, II and III following the control measures to which they are subjected in the New York single Convention on narcotic drugs of 30

**Article 3: Classification des stupéfiants**

Les stupéfiants et les substances psychotropes visés par la présente loi sont classés dans trois catégories : I, II et III suivant les mesures de contrôle auxquelles elles sont soumises dans la convention unique de New York sur les

1961, yahinduwe n'umugereka wo kuwa 25 Werurwe 1972 n'Amasezerano y'i Vienne yo kuwa 21 Gashyantare 1971 ku rusobe rw'imiti ikoreshewa nk'ibiyobyabwenge. Ibyo byiciro n'ibi bikurikira:

**1<sup>o</sup> Icyiciro cya I: Ibiyobyabwenge**

**a.Imbonerahamwe ya I:** ikubiyemo uruvange rw'imiti itera akamenyero gakabije ko kuyifata bivamo kurenza urugero no kuba imbata y'ibiyobyabwenge.

**b.Imbonerahamwe ya II:** ikubiyemo urusobe rw'imiti ifite ubukana buke n'ingaruka zidakabije nk'izo mu mbonerahamwe ya mbere.

**c.Imbonerahamwe ya III:** ikubiyemo imiti ikozwe mu biyobyabwenge byagenewe gukoreshewa mu buvuzi bwemewe n'amategako kandi ikozwe ku buryo itakekwaho kugira ingaruka, ikaba itakurwamo ikubiyobyabwenge ku buryo bworoshye.

**d.Imbonerahamwe ya IV:** ikubiyemo bimwe mu biyobyabwenge byarondowe mu mbonerahamwe ya mbere bifatwa nk'ibigira ingaruka by'umwihariko bitewe n'ibyo bikozwemo n'uko byakoreshejwe.

**2<sup>o</sup> Icyiciro cya II: Urusobe rw'imiti ikoreshewa nk'ibiyobyabwenge**

**a.Imbonerahamwe ya I:** ikubiyemo imiti ibujijwe kuko nta kamaro ifitiye umwuga w'ubuvuzi.

March 1961, as amended by the Protocol of 25 March 1972 and the Vienna Convention on psychotropic substances of 21 February 1971. These categories are as follows:

**1<sup>o</sup> Category I: Narcotic Drugs**

**a. Table I:** includes the chemicals that result into a heavy addiction and lead to abuse.

**b. Table II:** includes chemicals that cause less addiction and result into less abuse than that of table I.

**c. Table III:** includes the preparation containing narcotics made for medical legitimate purposes and composed in such a manner that they are less susceptible to be an object of abuse and cannot easily produce a narcotic drug.

**d. Table IV:** includes certain narcotic drugs named in table I that are considered as particularly harmful due to their properties and their use.

**2<sup>o</sup> Category II: Psychotropic substances**

**a. Table I:** includes prohibited chemicals that are of no medical interest.

stupéfiants du 30 mars 1961, amendée par le Protocole du 25 mars 1972 et la Convention de Vienne sur les substances psychotropes du 21 février 1971. Ces catégories sont les suivantes :

**1<sup>o</sup> Catégorie I: Stupéfiants**

**a. Tableau I:** comprend les substances qui provoquent une forte dépendance et donne lieu à des abus.

**b. Tableau II :** comprend les substances qui provoquent moins de dépendance et donnent lieu à moins d'abus que celles du tableau I.

**c. Tableau III:** comprend les préparations contenant des stupéfiants fabriquées à des fins médicales légitimes et composées de telle manière qu'elles sont peu susceptibles de faire l'objet d'abus et ne peut pas facilement produire un stupéfiant.

**d. Tableau IV :** comprend certains stupéfiants énumérés dans le tableau I qui sont considérées comme particulièrement nocifs en raison de leurs propriétés et de leur usage.

**2<sup>o</sup> Catégorie II: Substances psychotropes**

**a. Tableau I:** comprend les substances prohibées dépourvues d'intérêt en médecine.

**b.Imbonerahamwe ya II:** ikubiyemo urusobe rw'imiti ifitiye ubuvuzi akamaro igenzurwa bikomeye.

**c.Imbonerahamwe ya III:** ikubiyemo urusobe rw'imiti ifitiye ubuvuzi akamaro ariko igenzurwa ku buryo busanzwe.

**d.Imbonerahamwe ya IV:** ikubiyemo bimwe mu biyobyabwenge byarondowe mu rutonde rwa mbere bifatwa nk'ibigira ingaruka by'umwihariko bitewe n'ibyo bikoze mu n'uko byakoreshejwe.

**3<sup>o</sup> icyiciro cya III : Ibyifashishwa mu gukora imiti**

Ibyifashishwa mu gukora imiti byanditswe ku mbonerahamwe ya I n'ya II hakurikijwe ibipimo byagenwe n'Amasezerano y'i Vienne yo mu 1988. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze riteganywa ibikubiye muri izo mbonerahamwe.

**Ingingo ya 4: Iyandikwa, ihindurwa n'ikurwa ku mbonerahamwe**

Imbonerahamwe zakozwe zihindurwa n'iyandikwa rishya, iyimurwa, n'ikura ku mbonerahamwe ikiyobyabwenge cyangwa imiti ikora ikiyobyabwenge bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashingiye ku byagenwe na Komisiyo y'umuryango w'Abibumbye ishinze iby'ibiyobyabwenge.

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ntashobora

**b.Table II:** includes chemicals that are of medical interest subjected to strictness.

**c.Table III:** includes the chemicals that are of medical interest, subjected to normal control.

**d.Table IV:** includes some of narcotic drugs named in table I that are considered as particularly harmful due to their properties and their use.

**3<sup>o</sup> Category III: Precursors**

Precursors included in table I and II according to the measures that are applicable to them by the Vienna Convention of 1988. An Order of the Minister in charge of health shall determine the content of those tables.

**Article 4: Registration, modification and radiation from tables**

The tables established and modified by a new registration, transfer and radiation from a table of a narcotic drug or a psychotropic substance shall be determined by an Order of the Minister in charge of health taking into account what was ordered by the Commission on narcotic drugs of the United Nations Organisation.

The Minister in charge of health shall not put a

**b.Tableau II:** comprend les substances présentant un intérêt en médecine, soumises à un contrôle strict.

**c.Tableau III:** comprend les substances présentant un intérêt en médecine, soumises à un contrôle ordinaire.

**d.Tableau IV:** comprend certains stupéfiants énumérés dans le tableau I qui sont considérés comme particulièrement nocifs en raison de leurs propriétés et de leur usage.

**3<sup>o</sup> Catégorie III: Précurseurs**

Les précurseurs sont inscrits dans les tableaux I et II suivant les mesures qui leur sont applicables par la Convention de Vienne de 1988. Un arrêté du Ministre ayant la Santé dans ses attributions détermine le contenu de ces tableaux.

**Article 4: Inscription, modification et radiation des tableaux**

Les tableaux établis et modifiés par une nouvelle inscription, transfert ou radiation d'un tableau d'un stupéfiant ou une substance psychotrope sont déterminés par arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions en tenant compte de ce qui a été ordonné par la Commission des stupéfiants de l'Organisation des Nations Unies.

Le Ministre ayant la santé dans ses attributions

gushyira mu byiciro urusobe rw' imiti igenzurwa kugirango ijye ku rwego ruri muni y'urwo rugenerwa n'amasezerano ku rwego mpuzamahanga.

substance under control into a category with the purpose to include it into a table of less strict rules than that in which it was put by international conventions.

ne peut mettre en catégorie une substance placée sous contrôle dans le but de l'inclure dans un tableau soumis à un régime moins strict que celui dans lequel elle est mise par les conventions internationales.

#### **Ingingo ya 5: Itegurwa**

Itegurwa rifatwa nk'urusobe rw'imiti ruyikubiyemo. Iyo rigizwe n'ibiri cyangwa se irenzeho, rigengwa n'ibiteganyirijwe urusobe rw'imiti igenzurwa kurusha iyindi.

#### **Article 5: Preparation**

A preparation shall be subjected to the same regulations as the substances involved. If it contains two or more substances, it shall be subjected to regulations governing the substance that is most controlled.

#### **Article 5 : Préparation**

Une préparation est soumise au même régime que les substances qu'elles renferment et, si elle en contient deux ou plus de substances, elle est soumise au régime de la substance la plus contrôlée.

Itegurwa rigizwe n'umuti cyangwa urusobe rw' imiti ikozwe ku buryo itagize icyo itwaye na busa mu mikoreshereze yayo, hakaba nta na kimwe mu biyigize cyayikurwamo ngo gikoreshwe mu nzira zitemewe n'amategeko, ishobora gukurwa ku rutonde rw'imiti igenzurwa.

A preparation made of one or more substances that are composed in such a manner that they are of no risk with regard to their use and where none of its components can be extracted for illicit use, can be removed from the list of controlled substances.

Une préparation contenant une ou plusieurs substances qui sont composées de telle manière qu'elles ne présentent aucun risque dans son usage et dont les composantes ne peuvent pas être extraites pour une utilisation illicite, peut être rayée de la liste des substances sous contrôle.

### **UMUTWE WA II: IBIYOBABWENGE N'URUSOBE RW'IMITI IKORESHA NKA BYO BYEMEWE N'AMATEGEKO**

### **CHAPTER II: LICIT NARCOTIC DRUGS AND PSYCHOTROPIC SUBSTANCES**

### **CHAPITRE II: STUPEFIANTS ET SUBSTANCES PSYCHOTROPES LICITES**

#### **Ingingo ya 6: Ibibujijwe**

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko, birabujijwe gusarura, gukwirakwiza no gukoresha ku butaka bw'igihugu ibiyobyabwenge n'urusobe rw' imiti ikora nkabyo.

#### **Article 6: Prohibition**

Notwithstanding the provisions of Article 7 of this law, the production, distribution and the use on the national territory narcotic drugs and psychotropic substances are prohibited.

#### **Article 6: Prohibition**

La production, la distribution et l'usage sur le territoire national des stupéfiants et des substances psychotropes sont prohibés sous réserve des dispositions de l'article 7 de la présente loi.

Ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti, mu gihe

Narcotic drugs and psychotropic substances are

Lorsque les stupéfiants et les substances

bikoreshwa mu buvuzi bigengwa n'amabwiriza akoreshwa ku rusobe rw' imiti yagenewe gukoreshwa mu buvuzi bw'abantu no mu buvuzi bw'amatungo mu gihe ayo mabwiriza atanyuranyije n'ibikubiye muri iri tegeko.

used for medical purpose, shall be subjected to the regulations applied to all substances intended for human and veterinary medical purposes in case these regulations are not incompatible with the provisions of this law.

psychotropes sont utilisés à des fins médicales, elles sont soumises aux dispositions applicables aux substances destinées à la médecine humaine ou vétérinaire dans la mesure où ces dispositions ne sont pas incompatibles avec les dispositions de la présente loi.

### **Ingingo ya 7: Uburenganzira**

Uburenganzira bwo guhinga, gukwirakwiza no gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw' imiti ikoreshwa nka byo butangwa gusa iyo imikoreshereze yabyo ijyanye n'ubuvuzi cyangwa ubushakashatsi.

### **Article 7: Authorization**

**Article 5:** Establishment and membership of  
a national non-governmental organisation

**Article 5:** Création et adhésion à une  
organisation non-gouvernementale  
nationale

**Ingingo ya 6:** Ibikubiye mu mategeko  
agenga umuryango nyarwanda utari uwa  
Leta

**Article 6:** Content of the statutes of a  
national non-governmental organisation

**Article 6:** Contenu des statuts d'une  
organisation non-gouvernementale  
nationale

**Ingingo ya 7:** Uburenganzira bwo kuva mu  
muryango nyarwanda utari uwa Leta

**Article 7:** Right to withdraw from a national  
non-governmental organisation

**Article 7:** Droit de se retirer d'une  
organisation non-gouvernementale  
nationale

**Ingingo ya 8:** Ibisabwa kugira ngo umuntu

**Article 8:** Requirements for becoming a

**Article 8:** Conditions pour être représentant

|                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| ahagararire umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y'amategeko                                                                       | legal representative of a national non-governmental organisation                                                                                                   | légal d'une organisation non-gouvernementale nationale                                                                                                                         |
| <u>Ingingo ya 9:</u> Urwego rukuru rw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta                                                                | <u>Article 9:</u> Supreme organ of a national non-governmental organization                                                                                        | <u>Article 9:</u> Organe suprême d'une organisation non-gouvernementale nationale                                                                                              |
| <u>Ingingo ya 10:</u> Ubwisanzure bw'imiryango nyarwanda itari iya Leta                                                                 | <u>Article 10:</u> Autonomy of national non-governmental organisations                                                                                             | <u>Article 10:</u> Autonomie des organisations non-gouvernementales nationales                                                                                                 |
| <u>Ingingo ya 11:</u> Ubufatanye bugamije iterambere                                                                                    | <u>Article 11:</u> Partnership for development                                                                                                                     | <u>Article 11:</u> Partenariat pour le développement                                                                                                                           |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Inkunga y'umutungo itangwa na Leta                                                                                | <u>Article 12:</u> Financial support from the Government                                                                                                           | <u>Article 12:</u> Appui financier du Gouvernement                                                                                                                             |
| <u>Ingingo ya 13:</u> Ibyo umuryango nyarwanda utari uwa Leta ubujijwe mu mikorere yawo                                                 | <u>Article 13:</u> Restrictions in the functioning of a national non-governmental organization                                                                     | <u>Article 13:</u> Restrictions dans le fonctionnement d'une organisation non-gouvernementale nationale                                                                        |
| <u>Ingingo ya 14:</u> Inkomoko y'umutungo itemewe n'amategeko                                                                           | <u>Article 14:</u> Unlawful sources of property                                                                                                                    | <u>Article 14:</u> Sources illégales du patrimoine                                                                                                                             |
| <b>UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA NO GUSABA UBUZIMAGATOZI</b>                                                                              | <b>CHAPTER II: REGISTRATION AND APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY</b>                                                                                              | <b>CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET DEMANDE DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE</b>                                                                                                     |
| <u>Ingingo ya 15:</u> Gusaba kwandikwa no gusaba ubuzimagatozi                                                                          | <u>Article 15:</u> Application for registration and legal personality                                                                                              | <u>Article 15:</u> Demande d'enregistrement et de la personnalité juridique                                                                                                    |
| <u>Ingingo ya 16:</u> Urwego rushinzwe kwandika imiryango nyarwanda itari iya Leta, kuyiha ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere yayo | <u>Article 16:</u> Authority in charge of registering, granting the legal personality and monitoring of the functioning of national non-governmental organisations | <u>Article 16:</u> Organe chargé de l'enregistrement, de l'octroi de la personnalité juridique et du suivi du fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales |

**Ingingo ya 17:** icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe

**Ingingo ya 18:** Ibisabwa kugira ngo hatangwe icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe

**Ingingo ya 19:** Kudatanga icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe

**Ingingo ya 20:** Impamvu zo kdatanga icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe

**Ingingo ya 21:** Kuregera icyemezo cyo kwangirwa icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe

**Ingingo ya 22:** Gusaba ubuzimagatozi

**Ingingo ya 23:** Kudatanga ubuzimagatozi

**Ingingo ya 24:** Impamvu zo kdatanga ubuzimagatozi

**Ingingo ya 25:** Kuregera icyemezo cyo kwangirwa ubuzimagatozi

**Article 17:** Temporary certificate of registration of a national non-governmental organisation

**Article 18:** Requirements for a temporary certificate of registration for a national non-governmental organisation

**Article 19:** Refusal to issue a temporary certificate of registration to a national non-governmental organization

**Article 20:** Reasons for refusal to issue a temporary certificate of registration to a national non-governmental organisation

**Article 21:** Filing a case against the decision of refusal to issue a temporary certificate of registration to a national non-governmental organization

**Article 22:** Application for legal personality

**Article 23:** Refusal to grant legal personality

**Article 24:** Reasons for refusal to grant legal personality

**Article 25:** Filing a case against the decision of refusal to grant the legal personality

**Article 17:** Certificat temporaire d'enregistrement d'une organisation non-gouvernementale nationale

**Article 18:** Conditions d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement d'une organisation non-gouvernementale nationale

**Article 19:** Refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation non-gouvernementale nationale

**Article 20:** Motifs de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation non-gouvernementale nationale

**Article 21:** Recours contre la décision de refus d'octroi du certificat temporaire d'enregistrement à une organisation non-gouvernementale nationale

**Article 22:** Demande de la personnalité juridique

**Article 23:** Refus d'octroi de la personnalité juridique

**Article 24:** Motifs de refus d'octroi de la personnalité juridique

**Article 25:** Recours contre la décision de refus d'octroi de la personnalité juridique

**Ingingo ya 26:** Itangazwa ry'icyemezo cy'ubuzimagatozi n'amategeko agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta

**Article 26:** Publication of the decision granting legal personality and the statutes of a national non-governmental organisation

**Article 26:** Publication de la décision d'octroi de la personnalité juridique et des statuts d'une organisation non-gouvernementale nationale

**UMUTWE WA III:** GUKEMURA AMAKIMBIRANE

**CHAPTER III:** CONFLICT RESOLUTION

**CHAPITRE III:** RESOLUTION DES CONFLITS

**Ingingo ya 27:** Gukemura amakimbirane

**Article 27:** Conflict Resolution

**Article 27:** Résolution des conflits

**UMUTWE WA IV:** UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA

**CHAPTER IV:** RIGHTS AND RESPONSIBILITIES OF A NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATION

**CHAPITRE IV:** DROITS ET OBLIGATIONS D'UNE ORGANISATION NON-GOUVERNEMENTALE NATIONALE

**Ingingo ya 28:** Uburenganzira bw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta

**Article 28:** Rights of a national non-governmental organisation

**Article 28:** Droits d'une organisation non-gouvernementale nationale

**Ingingo ya 29:** Inshingano z'umuryango nyarwanda utari uwa Leta

**Article 29:** Responsibilities of a national non-governmental organisation

**Article 29:** Obligations d'une organisation non-gouvernementale nationale

**UMUTWE WA V:** GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA

**CHAPTER V:** MONITORING OF FUNCTIONING OF NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS

**CHAPITRE V:** SUIVI DU FONCTIONNEMENT DES ORGANISATIONS NON-GOUVERNEMENTALES NATIONALES

**Ingingo ya 30:** Igenzura ry'ibikorwa

**Article 30:** Supervision of activities

**Article 30:** Contrôle des activités

**Ingingo ya 31:** Kwihanangirizwa k'umuryango nyarwanda utari uwa Leta

**Article 31:** Warning to a national non-governmental organisation

**Article 31:** Mise en garde d'une organisation non-gouvernementale nationale

**Ingingo ya 32:** Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta

**Article 32:** Temporary suspension of a national non-governmental organisation

**Article 32:** Suspension temporaire d'une organisation non-gouvernementale nationale

**Ingingo ya 33:** Ihagarikwa rya burundu ry'ibikorwa by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta

**UMUTWE WA VI:** ISESWA RY'UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA

**Ingingo ya 34:** Iseswa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta rikozwe n'urwego rwawo rukuru

**Ingingo ya 35:** Iseswa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta rikozwe n'urukiko

**Ingingo ya 36:** Umutungo w'umuryango nyarwanda utari uwa Leta washeshwe

**UMUTWE WA VII:** INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

**Ingingo ya 37:** Amasezerano y'ubufatanye

**Ingingo ya 38:** Ibiganiro mu nama z'inteko rusange

**Ingingo ya 39:** Guhuza imikorere n'amategeko agenga imiryango nyarwanda itari iya Leta n'iri tegeko

**Ingingo ya 40:** Kudasaba ubuzimagatozi

**Article 33:** Final suspension of a national non-governmental organisation

**CHAPTER VI:** DISSOLUTION OF A NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATION

**Article 34:** Dissolution of a national non-governmental organisation by its supreme organ

**Article 35:** Judicial dissolution of a national non-governmental organisation

**Article 36:** Property of a dissolved national non-governmental organisation

**CHAPTER VII:** MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

**Article 37:** Partnership agreements

**Article 38:** Debates in meetings of the General Assembly

**Article 39:** Harmonizing functioning and statutes of national non-governmental organisations with this Law

**Article 40:** Non re-application for legal

**Article 33:** Suspension définitive d'une organisation non-gouvernementale nationale

**CHAPITRE VI:** DISSOLUTION D'UNE ORGANISATION NON-GOUVERNEMENTALE NATIONALE

**Article 34:** Dissolution d'une organisation non-gouvernementale nationale par son organe suprême

**Article 35:** Dissolution judiciaire d'une organisation non-gouvernementale nationale

**Article 36:** Patrimoine d'une organisation non-gouvernementale nationale après dissolution

**CHAPITRE VII:** DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

**Article 37:** Accords de partenariat

**Article 38:** Débats dans les réunions de l'assemblée générale

**Article 39:** Conformité des statuts et du fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales à la présente loi

**Article 40:** Non renouvellement de la

bundi bushya

personality

demande de la personnalité juridique

Ingingo ya 41: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 41: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 41: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 42: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 42: Repealing provision

Article 42: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 43: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 43: Commencement

Article 43: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°04/2012 RYO KUWA  
17/02/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE  
N'IMIKORERE BY'IMIRYANGO  
NYARWANDA ITARI IYA LETA**

**LAW N°04/2012 OF 17/02/2012  
GOVERNING THE ORGANISATION  
AND THE FUNCTIONING OF  
NATIONAL NON-GOVERNMENTAL  
ORGANISATIONS**

**LOI N°04/2012 DU 17/02/2012 PORTANT  
ORGANISATION ET  
FONCTIONNEMENT DES  
ORGANISATIONS NON-  
GOUVERNEMENTALES NATIONALES**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO  
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,  
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA  
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA  
MU IGAZETI YA LETA YA  
REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED,  
AND WE SANCTION, PROMULGATE  
THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT  
BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL  
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF  
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA  
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET  
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE  
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 30 Nzeri 2011;

The Chamber of Deputies, in its session of 30 September 2011;

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 septembre 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 28 Nzeri 2011;

The Senate, in its session of 28 September 2011;

Le Sénat, en sa séance du 28 septembre 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 11, iya 33, iya 35, iya 36, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga

Pursuant to the International Covenant on Civil

Vu le Pacte international relatif aux droits

yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966, cyane cyane mu ngingo yayo ya 22, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

and Political Rights of 16 December 1966, especially in article 22, ratified by the Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

civils et politiques du 16 décembre 1966, spécialement en son article 22, ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, mu mibereho myiza no mu muco yo kuwa 16 Ukuboza 1966 yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/05/1975;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966 ratified by the Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano nyafurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981, cyane cyane mu ngingo yayo ya 10, yemejwe n'Itegeko n° 10/83 ryo ku wa 17/05/1983;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981, especially in Article 10, ratified by the Law n° 10/83 of 17/05/1983;

Vu la Charte africaine des droits de l'homme et des peuples du 27 juin 1981, spécialement en son article 10, ratifié par la Loi n° 10/83 du 17/05/1983;

Isubiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu;

Having reviewed Law n° 20/2000 of 26/07/2000 relating to non profit making Organizations;

Revu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOpte:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: PROVISIONS**

**GENERAL**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

This Law governs the organisation and functioning of national non-governmental organizations.

La présente loi régit l'organisation et le fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales.

Iri tegeko rigamije by'umwihariko kugenga imiryango nyarwanda itari iya Leta iharanira inyungu rusange. Andi mashyirahamwe ayo ari yo yose adakurikiza ibisobanuro by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta ntagengwa n'iri tegeko.

This Law particularly governs national non-governmental organizations that promote public interest. It shall not apply to any other associations that are not defined as national non-governmental organizations.

La présente loi a particulièrement pour objet de régir les organisations non-gouvernementales nationales œuvrant pour l'intérêt général. Elle ne s'applique pas à toutes les autres formes d'associations qui ne sont pas définies comme étant des organisations non-gouvernementales nationales.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 2: Définitions des termes**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa muri ubu buryo:

In this Law, the following terms shall be defined as follows:

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **ibikorwa bigamije inyungu rusange:** ibikorwa by'abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango ifite ubuzimagatozi bikorwa hashingiwe ku bumenyi cyangwa imirimo byabo bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage;

1° **services of public interest:** services or works carried out by natural persons or legal entities based on their skills or activities meant for improving the population's social welfare;

1° **services d'intérêt public:** services fournis ou travaux exécutés par des personnes physiques ou morales sur base de leurs connaissances ou activités visant l'amélioration du bien-être social de la population;

2° **umuryango nyarwanda utari uwa Leta:** umuryango ugizwe n'abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango yigenga yishyize hamwe ku bushake yitangira abandi, hagamijwe guteza imbere ubukungu, imibereho myiza n'umuco, ubuvugizi ku nyungu rusange z'icyiciro cy'abantu, abantu ku giti cyabo, imiryango cyangwa guteza imbere inyungu z'abanyamuryango bayo.

2° **non governmental organisation:** an organisation which is comprised of natural persons or of autonomous collective voluntary organizations whose aim is to improve economic, social and cultural development and to advocate for public interests of a certain group, natural persons, organizations or with the view of promoting common interest of their members.

2° **Organisation non-gouvernementale:** organisation composée de personnes physiques ou d'organisations autonomes librement regroupées et dont l'objectif est d'améliorer le développement économique, social et culturel et de faire le plaidoyer en faveur des intérêts publics d'un groupe spécifique, d'individus, d'organisations ou de promouvoir les intérêts communs de leurs membres.

**Ingingo ya 3: Ibyiciro by'imiryango nyarwanda itari iya Leta**

Imiryango nyarwanda itari iya Leta iri mu byiciro bitatu (3) byaguye hakurikijwe intego yayo y'ibanze n'imiterere y'abanyamuryango bayo:

- 1° **imiryango igamije inyungu rusange:** imiryango ifite inshingano yo guteza imbere abaturage muri rusange. Iyo miryango ikora nk'ibikorwa byo guteza imbere Sosiyete Sivile, inzego z'ubukungu, imibereho myiza, umuco, ubumenyi n'uburenganzira bwa muntu;
- 2° **imiryango igamije inyungu z'abanyamuryango bayo:** imiryango iteza imbere abanyamuryango bayo mu rwego rwihariye;
- 3° **fondasiyo:** umuryango ugamije gushyiraho ikigega cyangwa gukusanya umutungo, kuwucunga no kuwukoresha mu bikorwa byo gutera inkunga abo washyiriweho.

**Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi**

Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ushobora gukora ibikorwa by'ubucuruzi ari uko ubyemerewe gusa iyo inyungu ubonye

**Article 3: Categories of national non-governmental organisations**

National non-governmental organisations are classified into three (3) broad categories in respect of their main objectives and nature of membership:

- 1° **public interest organisations:** organisations serving public interests. The organisations carry out activities in the development of various sectors including civil society, economy, social welfare, culture, science and human rights;
- 2° **common interest organisations:** organisations which act in a specific domain in favour of their members;
- 3° **foundation:** an organisation whose purpose is either to establish a fund or to collect funds, manage and use them to provide beneficiaries with support.

**Article 4: Freedom of dealing in commercial activities**

A national non-governmental organisation may conduct commercial activities only when it is authorized to do so and the profit from such

**Article 3: Catégories des organisations non-gouvernementales nationales**

Les organisations non-gouvernementales nationales sont réparties en trois (3) catégories selon leur objectif principal et la structure d'adhésion de leurs membres:

- 1° **organisations d'intérêt public:** organisations ayant pour mission d'assurer le développement de la population en général. Elles œuvrent pour le développement de divers domaines notamment la société civile, l'économie, le bien-être social, la culture, la science et les droits de la personne;
- 2° **organisations d'intérêt commun:** organisations dont l'objectif est d'intervenir dans un domaine donné en faveur de leurs membres;
- 3° **fondation:** organisation ayant pour objectif la création d'un fonds, la collecte de fonds, la gestion et l'utilisation des fonds dans le but d'appuyer les bénéficiaires.

**Article 4: Liberté d'exercer les activités commerciales**

Une organisation non-gouvernementale nationale ne peut exercer des activités commerciales que sur autorisation et si les

zikoreshwa mu bikorwa bijyanye n'intego zawo.

Iyo ukora imirimo y'ubucuruzi, umuryango nyarwanda utari uwa Leta ugomba gukurikiza amategeko agenga iyandikishwa n'imikorere y'imirimo ubusanzwe ikorwa n'amasosiyeti cyangwa koperative.

activities is meant to be used in activities related to its objectives.

While carrying out commercial activities, the national non-governmental organisation shall abide by laws which govern registration and functioning of the commercial activities carried out by companies or cooperative societies.

bénéfices réalisés servent à appuyer les activités liées à sa mission.

Dans le cas où elle exerce des activités commerciales, l'organisation non-gouvernementale nationale est tenue de se conformer à la législation régissant l'enregistrement et l'exercice des activités commerciales qui sont généralement réalisées par des sociétés commerciales ou des coopératives.

**Ingingo ya 5: Ishingwa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta no kuba umunyamuryango**

Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ushingwa hagamijwe kugera ku ntego zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko.

Fondasiyo ishobora gushingwa n'umuntu umwe cyangwa benshi, iyo byibura umwe muri bo atuye mu Rwanda cyangwa ahakorera.

Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ushobora gutangizwa n'abanyamuryango nibura batatu (3).

Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ushobora gutangizwa n'imiryango mvamahanga itari iya Leta cyangwa abanyamahanga iyo nibura umwe muri abo banyamahanga atuye mu Rwanda cyangwa

**Article 5: Establishment and membership of a national non-governmental organisation**

A national non-governmental organisation shall be established for the purpose of achieving the objectives referred to in Article 3 of this Law.

A Foundation can be established by one or several persons if one of them resides in or has activities in Rwanda.

A national non-governmental organisation may be founded by at least three (3) persons.

A national non-governmental organisation may be founded by international non-governmental organisations or by foreigners if at least one of such foreigners resides in Rwanda, or if one of such international organisations has a head

**Article 5: Création et adhésion à une organisation non-gouvernementale nationale**

Une organisation non-gouvernementale nationale est créée pour poursuivre les objectifs visés à l'article 3 de la présente loi.

Une fondation peut être créée par une ou plusieurs personnes si au moins une de ces personnes a sa résidence ou des activités au Rwanda.

Une organisation non-gouvernementale nationale peut être créée par au moins trois (3) personnes.

Une organisation non-gouvernementale nationale peut être créée par des organisations non-gouvernementales internationales ou par des personnes physiques étrangères si au moins l'une de ces personnes physiques a sa

|                                                                                                                                         |                                                                                                                                                                            |                                                                                                                                                                                             |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| umwe muri iyo miryango mvamahanga ufite icyicaro mu Rwanda.                                                                             | office in Rwanda.                                                                                                                                                          | résidence au Rwanda ou si l'une ces organisations a son siège au Rwanda.                                                                                                                    |
| Abanyamuryango b'umuryango nyarwanda utari uwa Leta ni abantu cyangwa imiryango itari iya Leta bawushinze cyangwa bemerewe kuwinjiramo. | Members of a national non-governmental organisation shall be natural persons or non-governmental organisations that founded it or that are admitted into the organisation. | Sont membres d'une organisation non-gouvernementale nationale, les personnes physiques ou les organisations non-gouvernementales fondateurs ou dont l'adhésion à l'organisation est admise. |
| <b><u>Ingingo ya 6: Ibikubiye mu mategeko agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta</u></b>                                             | <b><u>Article 6: Content of the statutes of a national non-governmental organisation</u></b>                                                                               | <b><u>Article 6: Contenu des statuts d'une organisation non-gouvernementale nationale</u></b>                                                                                               |
| Amategeko agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta agomba guteganya cyane cyane ibi bikurikira:                                        | Statutes of a national non-governmental organisation shall particularly provide the following:                                                                             | Les statuts d'une organisation non-gouvernementale nationale doivent particulièrement prévoir ce qui suit:                                                                                  |
| 1° izina ry'umuryango;                                                                                                                  | 1° the name of the organisation;                                                                                                                                           | 1° la dénomination de l'organisation;                                                                                                                                                       |
| 2° intego n'ibikorwa by'umuryango;                                                                                                      | 2° the mission and activities of the organisation;                                                                                                                         | 2° la mission et le champ d'activités de l'organisation;                                                                                                                                    |
| 3° urwego n'uburyo bwo gukemura amakimbirane;                                                                                           | 3° the organ and mechanisms of conflict resolution;                                                                                                                        | 3° l'organe et les modalités de résolution des conflits;                                                                                                                                    |
| 4° uburyo bwo kuba cyangwa gutakaza ubunyamuryango;                                                                                     | 4° the criteria and procedures for adhesion or loss of membership;                                                                                                         | 4° les modalités d'adhésion et de perte de la qualité de membre;                                                                                                                            |
| 5° urwego rushinzwe ubutegetsi n'igenzura ry'imari;                                                                                     | 5° the organ in charge of administration and financial audit;                                                                                                              | 5° l'organe chargé de l'administration et du contrôle financier;                                                                                                                            |
| 6° uko inzego zikurikirana n'ububasha bwo gufata ibyemezo;                                                                              | 6° the hierarchy of organs and competence in taking decision;                                                                                                              | 6° l'hierarchie des organes et compétences de prise de décisions;                                                                                                                           |
| 7° aho umutungo w'umuryango                                                                                                             | 7° the property disposal in the case of                                                                                                                                    | 7° les modalités de cession du patrimoine                                                                                                                                                   |

nyarwanda utari uwa Leta ujya mu gihe usheshwe.

dissolution of the organisation.

en cas de dissolution de l'organisation.

**Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo kuva mu muryango nyarwanda utari uwa Leta**

**Article 7: Right to withdraw from a national non-governmental organisation**

**Article 7: Droit de se retirer d'une organisation non-gouvernementale nationale**

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kuva mu muryango nyarwanda utari uwa Leta, nk'uko biteganywa n'amategeko awugenga.

Every member shall have the right to withdraw from a national non-governmental organisation as provided for by its statutes.

Tout membre d'une organisation non-gouvernementale nationale a le droit de s'en retirer conformément aux statuts de cette organisation.

Iyo abanyamuryango b'umuryango nyarwanda utari uwa Leta bafashe icyemezo cyo kuwuvamo no gushinga undi muryango nyarwanda utari uwa Leta, bashobora kwandikisha uwo muryango mushya ufite irindi zina.

If members of a national non-governmental organisation decide to withdraw from it and establish a new one, they may register the new organisation under a new name.

Dans le cas où les membres d'une organisation non-gouvernementale nationale décident de s'en retirer et de créer une autre organisation non-gouvernementale nationale, ils sont libres de faire enregistrer la nouvelle organisation non-gouvernementale nationale sous une autre dénomination.

Icyakora, ntibafite uburenganzira bwo gusubizwa umutungo bashyize mu muryango nyarwanda utari uwa Leta bahozemo.

However, they have no right to claim back their contributions from the initial national non-governmental organisation.

Toutefois, ils n'ont aucun droit de se faire restituer les contributions faites dans la première organisation non-gouvernementale nationale.

**Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahagararire umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y'amategeko**

**Article 8: Requirements for becoming a legal representative of a national non-governmental organisation**

**Article 8: Conditions pour être représentant légal d'une organisation non-gouvernementale nationale**

Uhagarariye umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y'amategeko agomba kuba:

A legal representative of a national non-governmental organization shall be required to:

Pour être représentant légal d'une organisation non-gouvernementale nationale, il faut remplir les conditions suivantes:

1° ari inyangamugayo;

1° be a person of integrity;

1° être une personne intègre;

2° kuba atarahamwe n'icyaha

2° not have been sentenced for the

2° ne pas avoir été condamné pour crime

cy'ivangura n'icy'amacakubiri  
cyangwa icy'ingengabitekerezo ya  
jenocide;

3° atarakatiwe ku buryo budasubirwaho  
igihano cy'iremezo kingana cyangwa  
kirenze amezi atandatu (6) y'igifungo  
kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko  
cyangwa ihanagurabusembwa.

offence of discrimination, sectarianism  
or the ideology of genocide;

3° have not been sentenced to a term of  
imprisonment equal to or more than  
six (6) months which is not crossed by  
an amnesty or rehabilitation.

de discrimination, de divisionnisme ou  
d'idéologie du génocide;

3° ne pas avoir été condamné à une peine  
d'emprisonnement d'une durée  
supérieure ou égale à six (6) mois qui  
n'a pas été rayée par l'amnistie ou la  
réhabilitation.

**Ingingo ya 9: Urwego rukuru  
rw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta**

Buri muryango nyarwanda utari uwa Leta  
ugomba kugaragaza mu mategeko  
awushyiraho urwego rukuru ruwugenga. Urwo  
rwego rukuru ni rwo rushinzwe ibijyanye na  
politiki y'uwo muryango harimo  
n'iy'imicungire y'umutungo n'imari.

**Ingingo ya 10: Ubwisanzure bw'imiryango  
nyarwanda itari iya Leta**

Bitanyuranyije n'ibiteganywa n'andi  
mategeko, imiryango nyarwanda itari iya Leta  
ifite ubwisanzure mu micungire  
n'imikoreshereze y'imari, mu ndangagaciro  
ngenderwaho no mu miyoborere yayo.

**Ingingo ya 11: Ubufatanye bugamije  
iterambere**

Leta y'u Rwanda n'imiryango nyarwanda itari  
iya Leta bishobora kwiyeemeza gufatanya mu

**Article 9: Supreme organ of a national non-  
governmental organization**

Every national non-governmental organisation  
must include in its statutes its supreme organ.  
Such a supreme organ shall be the only one in  
charge of policies of the organisation including  
financial and property management policy.

**Article 10: Autonomy of national non-  
governmental organisations**

Without prejudice to provisions of other Laws,  
national non-governmental organisations shall  
enjoy financial, moral and administrative  
autonomy.

**Article 11: Partnership for development**

The Government of Rwanda and national non-  
governmental organisations may engage in

**Article 9: Organe suprême d'une  
organisation non-gouvernementale  
nationale**

Toute organisation non-gouvernementale  
nationale est tenue d'indiquer dans ses statuts  
son organe suprême. Cet organe suprême de  
l'organisation est le seul compétent pour  
s'occuper des questions en rapport avec la  
politique de cette organisation, y compris la  
politique de gestion financière et du  
patrimoine.

**Article 10: Autonomie des organisations  
non-gouvernementales nationales**

Sans préjudice aux dispositions des autres lois,  
les organisations non-gouvernementales  
nationales jouissent de l'autonomie financière,  
morale et administrative.

**Article 11: Partenariat pour le  
développement**

Le Gouvernement de la République du  
Rwanda et les organisations non-

bikorwa bigamije iterambere.

partnership for development.

gouvernementales nationales peuvent s'engager dans un partenariat pour le développement.

**Ingingo ya 12: Inkunga y'umutungo itangwa na Leta**

**Article 12: Financial support from the Government**

**Article 12: Appui financier du Gouvernement**

Leta iteganya mu ngengo y'imari yayo amafaranga agenewe gutera inkunga imiryango nyarwanda itari iya Leta.

The Government shall include in its national budget funds meant for supporting national non-governmental organisations.

Le Gouvernement prévoit dans le budget national des fonds destinés à appuyer les organisations non-gouvernementales nationales.

Uburyo iyo nkunga itangwa bugenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imiryango nyarwanda itari iya Leta mu nshingano ze.

An Order of the Minister in charge of national non-governmental organisations shall specify modalities for granting such support.

Un arrêté du Ministre ayant les organisations non-gouvernementales nationales dans ses attributions détermine les modalités de cet appui.

**Ingingo ya 13: Ibyo umuryango nyarwanda utari uwa Leta ubujijwe mu mikorere yawo**

**Article 13: Restrictions in the functioning of a national non-governmental organization**

**Article 13: Restrictions dans le fonctionnement d'une organisation non-gouvernementale nationale**

Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ntiwemerewe kwegurira inyungu zawo undi muntu. Imitungo n'urwunguko by'umuryango nyarwanda utari uwa Leta ntibigomba guha inyungu, haba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye umunyamuryango, umuyobozi, umukozi mukuru, umukozi usanzwe, umuterankunga w'umuryango nyarwanda utari uwa Leta. Cyakora, umuryango nyarwanda utari uwa Leta wemerera kwishyura umuntu imirimo yakoreye umuryango.

A national non-governmental organisation shall not be allowed to distribute its net earnings and profits to any person. The assets, earnings and profits of a national non-governmental organisation shall not, whether directly or indirectly, provide profits to any member, director, senior officer, employee or a donor of the national non-governmental organisation. However, a national non-governmental organisation shall be allowed to pay a person for services delivered to the organisation.

Il est interdit à toute organisation non-gouvernementale nationale de céder ses profits à une autre personne. Les capitaux, gains et profits de toute organisation non-gouvernementale nationale ne peuvent en aucun cas être utilisés pour accorder, directement ou indirectement, des bénéfices à un quelconque membre, administrateur, cadre, agent ou donateur de ladite organisation. Toutefois, une organisation non-gouvernementale nationale est autorisée à payer une personne pour des services rendus à celle-là.

Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ntiwemerewe gushakisha inkunga cyangwa gukoresha ibiganiro bigamije gushyigikira imitwe ya politiki cyangwa umukandida wiyamamariza umwanya wa politiki, kwandikisha cyangwa ubundi buryo bushyigikira abakandida kujya mu buyobozi bw'Igihugu.

**Ingingo ya 14: Inkomoko y'umutungo itemewe n'amategeko**

Imiryango nyarwanda itari iya Leta ibujijwe kwakira inkunga iyo ari yo yose ifite inkomoko ku bantu cyangwa imiryango irangwaho ubugizi bwa nabi.

Umuryango utubahirije ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ukurikiranwa hakurikijwe amategeko y'inshinjabyaha.

**UMUTWE WA II: KWIYANDIKISHA NO GUSABA UBUZIMAGATOZI**

**Ingingo ya 15: Gusaba kwandikwa no gusaba ubuzimagatozi**

Imiryango nyarwanda itari iya Leta igomba kwiandikisha mu rwego rwite mu nshingano zarwo kwandika, gutanga ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

A national non-governmental organisation shall not be allowed to engage in fundraising or organise public rallies with an intention to support any political organisation or any independent candidate campaigning for a political office, registration or any other way to support candidates for public office.

**Article 14: Unlawful sources of property**

National non-governmental organisations shall not be allowed to receive any support from criminal individuals or organisations.

A national non-governmental organisation which breaches the provisions of the Paragraph one of the Article shall be subject to criminal proceedings.

**CHAPTER II: REGISTRATION AND APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY**

**Article 15: Application for registration and legal personality**

National non-governmental organisations shall register with the authority in charge of registration, granting the legal personality for national non governmental organisations and monitoring of their functioning.

Il est interdit à toute organisation non-gouvernementale nationale de mobiliser des fonds ou d'organiser des campagnes en faveur d'une formation politique ou d'un candidat à un poste politique, de proposer ou de soutenir de quelque autre manière des candidats au poste de dirigeant du pays.

**Article 14: Sources illégales du patrimoine**

Les organisations non-gouvernementales nationales ne sont pas autorisées à obtenir toute assistance émanant des personnes ou des organisations criminelles.

Une organisation non-gouvernementale nationale qui ne respecte pas les dispositions de l'alinéa premier du présent article est poursuivie conformément aux lois pénales.

**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT ET DEMANDE DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE**

**Article 15: Demande d'enregistrement et de la personnalité juridique**

Les organisations non-gouvernementales nationales doivent se faire enregistrer à l'organe chargé de l'enregistrement des organisations non-gouvernementales nationales, de l'octroi de la personnalité juridique et du suivi de leur fonctionnement.

Icyakora, imiryango igamije inyungu z'abanyamuryango bayo na fondasiyo bishobora gutangira gukora bitariyandikisha. Icyo gihe ntikirenga imyaka ibiri (2). Mu gihe bitariyandikisha bigomba kwimenyekanisha ku nzego z'ubuyobozi bw'imitegekere y'igihugu bikoreraho.

**Ingingo ya 16:** Urwego rushinzwe kwandika imiryango nyarwanda itari iya Leta, kuyiha ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere yayo

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere ni rwo rwego rushinzwe kwandika, gutanga ubuzimagatozi no gukurikirana imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

**Ingingo ya 17:** icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe

Icyemezo cy'agateganyo cy'uko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wanditswe gihabwa umuryango nyarwanda utari uwa Leta kimara amezi cumi n'abiri (12). Nyuma y'amezi icyenda (9) uhawe icyemezo cy'agateganyo, umuryango nyarwanda utari uwa Leta ugomba gusaba ubuzimagatozi.

However, common interest organizations as well as foundations may start operating before they are registered. Pre-registration period shall not exceed two (2) years. During pre-registration period, such organisations and foundations shall introduce themselves to the administrative entities whose ambit covers their operating area.

**Article 16:** Authority in charge of registering, granting the legal personality and monitoring of the functioning of national non-governmental organisations

Rwanda Governance Board shall be the authority in charge of registering, granting legal personality and monitoring of the functioning of national non-governmental organisations.

**Article 17:** Temporary certificate of registration of a national non-governmental organisation

The temporary certificate of registration issued to national non-governmental organization shall be valid for a period of twelve (12) months. A national non governmental organisation shall apply for legal personality nine (9) months after the issue of the temporary certificate.

| <u>Ingingo ya 22:</u> Igenzura ry'ibikorwa n'iry'imikoreshereze y'imari                        | <u>Article 22:</u> Audit of activities and finances                                                        | <u>Article 22 :</u> Audit des activités et des finances                                                      |
| <u>Ingingo ya 23:</u> Inkomoko y'umutungo itubahirije amategeko                                | <u>Article 23:</u> Unlawful sources of property                                                            | <u>Article 23:</u> Sources illégales du patrimoine                                                           |
| <u>Ingingo ya 24:</u> Gusabwa kwikosora                                                        | <u>Article 24:</u> Warning                                                                                 | <u>Article 24 :</u> Mise en garde                                                                            |

|                                                                                                                                                       |                                                                                                                                      |                                                                                                                                         |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <b>UMUTWE WA VII: GUKEMURA IMPAKA</b>                                                                                                                 | <b>CHAPTER VII: CONFLICT RESOLUTION</b>                                                                                              | <b>CHAPITRE VII : RESOLUTION DE CONFLITS</b>                                                                                            |
| <b><u>Ingingo ya 25:</u> Gukemura amakimbirane</b>                                                                                                    | <b><u>Article 25:</u> Conflict resolution</b>                                                                                        | <b><u>Article 25 :</u> Résolution des conflits</b>                                                                                      |
| <b>UMUTWE WA VIII: GUHAGARIKA IBIKORWA</b>                                                                                                            | <b>CHAPTER VIII: CLOSING DOWN</b>                                                                                                    | <b>CHAPITRE VIII : CESSATION DES ACTIVITIES</b>                                                                                         |
| <b><u>Ingingo ya 26:</u> Ihagarikwa ry’agateganyo ry’ibikorwa by’umuryango mvamahanga utari uwa Leta, iry’uwuhagarariye cyangwa iry’ umukozi wawo</b> | <b><u>Article 26:</u> Temporary suspension of an international non-governmental organisation, its representative or its employee</b> | <b><u>Article 26 :</u> Suspension temporaire d’une organisation internationale non gouvernementale, son représentant ou son employé</b> |
| <b><u>Ingingo nshya ya 27:</u> Ihagarikwa rya burundu ry’ibikorwa by’umuryango mvamahanga utari uwa Leta</b>                                          | <b><u>Article 27:</u> Final suspension of an international non-governmental organisation</b>                                         | <b><u>Article 27:</u> Suspension définitive d’une organisation internationale non gouvernementale</b>                                   |
| <b><u>Ingingo ya 28:</u> Ihagarikwa ry’ibikorwa biturutse ku muryango mvamahanga utari uwa Leta</b>                                                   | <b><u>Article 28:</u> Closing down by an international non-governmental organisation</b>                                             | <b><u>Article 28 :</u> Cessation des activités à l’initiative de l’organisation internationale non gouvernementale</b>                  |
| <b>UMUTWE WA IX: INGINGO Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA</b>                                                                                                  | <b>CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b>                                                                                 | <b>CHAPITRE IX : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b>                                                                               |
| <b><u>Ingingo ya 29:</u> Guhuza imikorere n’iri tegeko</b>                                                                                            | <b><u>Article 29:</u> Harmonizing functioning with this Law</b>                                                                      | <b><u>Article 29 :</u> Harmonisation du fonctionnement avec la présente loi</b>                                                         |
| <b><u>Ingingo ya 30:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</b>                                                                                | <b><u>Article 30:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>                                                           | <b><u>Article 30 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>                                                            |
| <b><u>Ingingo ya 31:</u> Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranije n’iri tegeko</b>                                                                 | <b><u>Article 31:</u> Repealing provision</b>                                                                                        | <b><u>Article 31 :</u> Disposition abrogatoire</b>                                                                                      |
| <b><u>Ingingo ya 32:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b>                                                                                   | <b><u>Article 32:</u> Commencement</b>                                                                                               | <b><u>Article 32 :</u> Entrée en vigueur</b>                                                                                            |

**ITEGEKO N°05/2012 RYO KUWA 17/02/2012  
RIGENA IMITUNGANYIRIZE  
N'IMIKORERE BY'IMIRYANGO  
MVAMAHANGA ITARI IYA LETA**

**LAW N°05/2012 OF 17/02/2012  
GOVERNING THE ORGANISATION  
AND FUNCTIONING OF  
INTERNATIONAL NON  
GOVERNMENTAL ORGANISATIONS**

**LOI N°05/2012 DU 17/02/2012  
REGISSANT L'ORGANISATION ET LE  
FONCTIONNEMENT DES  
ORGANISATIONS INTERNATIONALES  
NON GOUVERNEMENTALES**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE  
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI  
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU  
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U  
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL  
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF  
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA  
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET  
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE  
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA  
REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT :**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 30  
Nzeri 2011;

The Chamber of Deputies, in its session of 30  
September 2011;

La Chambre des Députés, en sa séance du 30  
septembre 2011;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa 28  
Nzeri 2011;

The Senate, in its session of 28 September 2011;

Le Sénat, en sa séance du 28 septembre 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u  
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko  
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo  
zaryo iya 11, iya 33, iya 35, iya 36, iya 62, iya 66,  
iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95,  
iya 108 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in Articles 11, 33, 35, 36, 62, 66, 67,  
88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du  
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce  
jour, spécialement en ses articles 11, 33, 35,  
36, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et  
201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966, cyane cyane mu ngingo yayo ya 22, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Ubukungu, mu Mibereho Myiza no mu Muco yo kuwa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko-Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;

Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremhamuntu n'ubw'abaturage yo kuwa 27 Kamena 1981, cyane cyane mu ngingo yayo ya 10, yemejwe n'Itegeko n°10/83 ryo kuwa 17/05/1983;

Pursuant to the International Convention on Civil and Political Rights of 16 December 1966, especially in Article 22, ratified by the Decree-law n° 8/75 of 12/02/1975;

Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966, ratified by the Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;

Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27 June 1981, especially in Article 10, ratified by Law n°10/83 of 17/05/1983;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Civils et Politiques du 16 décembre 1966 spécialement en son article 22, ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12/02/1975 ;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Economiques, Sociaux et Culturels du 16 décembre 1966, ratifié par le décret-loi n° 8/75 du 12/02/1975;

Vu la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples du 27 juin 1981, spécialement en son article 10, ratifié par la Loi n°10/83 du 17/05/1983 ;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango mvamahanga itari iya Leta ifite ibikorwa biharanira inyungu rusange mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo**

Muri iri tegeko, umuryango mvamahanga utari

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law governs organisation and functioning of international non-governmental organizations which have general interest activities in Rwanda.

**Article 2: Definition of the term**

For the purpose of this Law, an international

**ADOPTÉ:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi porte organisation et fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales œuvrant pour l'intérêt général au Rwanda.

**Article 2 : Définition d'un terme**

Aux fins de la présente loi, une organisation

uwa Leta ni umuryango washinzwe hakurikijwe amategeko y'ikindi gihugu kandi uharanira inyungu rusange.

non-governmental organisation is an organisation that was established in accordance with foreign laws and the objective of which is related to public interests.

internationale non-gouvernementale est une organisation créée en vertu des lois d'un autre pays et œuvrant pour l'intérêt public.

**Ingingo ya 3: Ubwisanzure bw'imiryango mvamahanga itari iya Leta**

**Article 3: Autonomy of international non-governmental organisations**

**Article 3: Autonomie des organisations internationales non gouvernementales**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, imiryango mvamahanga itari iya Leta ifite ubwisanzure mu micungire, mu mikoreshereze y'imari no mu miyoborere.

Without prejudice to other laws, international non-governmental organisations shall enjoy managerial, financial and administrative autonomy.

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, les organisations internationales non-gouvernementales jouissent de l'autonomie de gestion, financière et administrative.

**Ingingo ya 4: Ubufatanye mu iterambere**

**Article 4: Partnership for Development**

**Article 4: Partenariat pour le développement**

Leta y'u Rwanda n'imiryango mvamahanga itari iya Leta bifatanye mu bikorwa bigamije iterambere.

The Government of Rwanda and international non-governmental organisations shall engage in partnership for development.

Le Gouvernement de la République du Rwanda et les organisations internationales non-gouvernementales entretiennent un partenariat pour le développement.

**UMUTWE WA II: IYANDIKWA**

**CHAPTER II: REGISTRATION**

**CHAPITRE II: ENREGISTREMENT**

**Ingingo ya 5: Iyandikwa ry'imiryango mvamahanga itari iya Leta**

**Article 5: Registration of international non-governmental organisations**

**Article 5: Enregistrement des organisations internationales non gouvernementales**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushaka gukorera mu Rwanda usaba icyemezo urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta hakurikijwe uburyo bugenwa n'urwo rwego.

An international non-governmental organisation wishing to operate in Rwanda shall apply for a registration certificate to the authority in charge of international non-governmental organisations registration in accordance with the terms and conditions set by the authority.

Une organisation internationale non gouvernementale désirant œuvrer au Rwanda demande un certificat d'enregistrement à l'organe ayant l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales dans ses attributions selon les conditions établies par cet organe.

**Ingingo ya 6: Urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo**

Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu gihugu ni rwo rwego rushinzwe kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo.

**Ingingo ya 7: Ibisabwa mu iyandikwa**

Ibisabwa kugira ngo umuryango mvamahanga utari uwa Leta wandikwe ni ibi bikurikira:

- 1° kopi y'amategeko agenga umuryango iriho umukono w'umuyobozi ubifitiye ububasha;
- 2° inyandiko y'ubuyobozi yerekana ko umuryango wemerewe gukorera mu gihugu ukomokamo kandi igaragaza n'ibindi bihugu byo ku isi ukoreramo iyo bihari;
- 3° ubwoko bw'ibikorwa umuryango uteganya gukora na gahunda yabyo;
- 4° imari izakoreshwa n'aho izaturuka.

Iteka rya Minisitiri ufite imiryango mvamahanga itari iya Leta mu nshingano ze rishobora kugena ibindi byasabwa mu iyandikwa ry'imiryango mvamahanga itari iya Leta.

**Article 6: Authority in charge of registering international non-governmental organisations and monitoring of their functioning**

The Directorate General of Immigration and Emigration shall be the authority in charge of registration of international non- governmental organisations and monitoring of their functioning.

**Article 7: Requirements for registration**

Requirements for an international non- governmental organisation to be registered shall be the following:

- 1° an authenticated copy of the statutes of the organisation;
- 2° an official document allowing the organisation to operate in the country of origin and indicating its geographical establishment throughout the world if any;
- 3° the nature of the activities in which the organisation intends to engage in and an action plan;
- 4° the budget and its source.

An Order of the Minister in charge of international non-governmental organisations may determine additional requirements for registration of international non-governmental organisations.

**Article 6 : Organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement**

La Direction Générale de l'Immigration et de l'Émigration est l'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales.

**Article 7: Conditions d'enregistrement**

Les conditions d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale sont les suivantes :

- 1° une copie des statuts de l'organisation certifiée par l'autorité compétente ;
- 2° un document officiel autorisant l'organisation à fonctionner dans son pays d'origine et précisant d'autres pays dans lesquels elle opère s'il y en a;
- 3° la nature de ses activités et un plan d'action ;
- 4° le budget ainsi que ses sources.

Un arrêté du Ministre ayant les organisations internationales non gouvernementales dans ses attributions peut déterminer les conditions supplémentaires relatives à l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales.

**Ingingo ya 8: Icyemezo cy'iyandikwa ry'umuryango mvamahanga utari uwa Leta**

Urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo, rutanga icyemezo cy'uko umuryango wanditswe bitarenze iminsi mirongo cyenda (90) uherye igihe ibaruwa isaba kwandikwa yakiriwe.

Imiterere n'imitangire by'icyemezo cy'iyandikwa ry'umuryango mvamahanga utari uwa Leta bigenwa n'urwego rushinzwe kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta.

Iyo urwego rubishinzwe rwanze gutanga icyemezo cyemerera iyandikwa, rugomba kubimenyesha uhagarariye umuryango mvamahanga utari uwa Leta mu gihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) uherye igihe ubusabe bwakiriwe kandi rugaragaza impamvu rwashingiyeho rwanga gutanga icyemezo.

**Ingingo ya 9: Impamvu zo kudatanga icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe**

Impamvu zo kudatanga icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe ni izi zikurikira:

**Article 8: Certificate of registration of an international non-governmental organisation**

The authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning shall issue the certificate of registration to the concerned organisation within ninety (90) days from the date of the receipt of the application for registration.

The certificate format and its delivery conditions are determined by the authority in charge of registration of international non-governmental organisations.

Where the competent authority refuses to issue the certificate of registration, it shall notify the representative of the concerned international non-governmental organisation of the decision providing reasons thereof, within ninety (90) days from the date of the receipt of the application letter.

**Article 9: Reasons for refusal to issue a certificate of registration of an international non-governmental organisation**

Reasons for refusal to issue a certificate of registration of an international non-governmental organisation shall be the

**Article 8: Certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale**

L'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations non gouvernementales internationales accorde le certificat d'enregistrement à l'organisation concernée endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la date de réception de la lettre de demande d'enregistrement.

Le format et les conditions de remise du certificat d'enregistrement sont fixés par l'organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales.

Lorsque l'organe compétent refuse d'accorder le certificat d'enregistrement, il est tenu d'en informer le représentant de l'organisation internationale non gouvernementale concernée endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la date de réception de la lettre de demande, tout en fournissant des raisons de ce refus.

**Article 9: Motifs de refus d'octroi du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale**

Les motifs de refus d'octroi du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale sont les

following :

- 1° kuba utujuje ibisabwa mu iyandikwa biteganywa n'iri tegeko;
- 2° kuba hari ibimenyetso bigaragaza ko umuryango usaba kwiandikisha ushobora guhungabanya umutekano, ituze, ubuzima, imyitwarire myiza n'uburenganzira bwa muntu.

- 1° failure to fulfil requirements for registration prescribed in this Law;
- 2° convincing evidence that the organisation seeking registration may jeopardize security, public order, health, morals and human rights.

suivants :

- 1° la non-satisfaction des conditions d'enregistrement prescrites par la présente loi;
- 2° l'existence des preuves convaincantes que l'organisation requérante peut compromettre la sécurité, l'ordre public, la santé, la morale et les droits de la personne.

**Ingingo ya 10: Kuregera icyemezo cyo kwangirwa kwandikwa**

Icyemezo cyo kwangirwa icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe gishobora kuregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha n'uhagarariye umuryango mvamahanga utari uwa Leta, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) hakiriwe icyo cyemezo mu nyandiko.

**Ingingo ya 11: Igihe icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe kimara**

Icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe kimara igihe kitarengeje imyaka itanu ( 5).

Nyuma y'igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umuryango mvamahanga utari uwa Leta

**Article 10: Filing a case against the decision of refusal to issue a certificate of registration**

The international non-governmental organisation's legal representative may file a case against the decision of refusal to issue a certificate of registration to the competent court within thirty (30) days from the date of the receipt of the notice of such a decision.

**Article 11: Validity of a certificate of registration of an international non-governmental organisation**

The certificate of registration of an international non-governmental organisation shall be valid for a period not exceeding five (5) years.

After the period referred to in Paragraph One of this Article, the international non- governmental

**Article 10 : Recours contre la décision de refus du certificat d'enregistrement**

La décision de refus du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale peut être attaquée par le représentant légal de cette organisation devant la juridiction compétente dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception de la notification de refus.

**Article 11 : Validité du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale**

Le délai de validité du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale ne peut pas dépasser cinq (5) ans.

A l'expiration du délai visé à l'alinéa premier du présent article, l'organisation

ushobora gusaba kongererwa igihe.

organisation may apply for renewal.

internationale non gouvernementale peut demander le renouvellement du délai.

**Ingingo ya 12: Kongerera igihe icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe**

**Article 12: Renewal of the certificate of registration of an international non-governmental organisation**

**Article 12 : Renouvellement du délai de validité du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale**

Kugira ngo icyemezo cy'uko umuryango wanditswe cyongererwe igihe, umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushyikiriza urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo byayo ibi bikurikira:

In order to renew the certificate of registration, the international non-governmental organisation shall submit to the authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning the following documents:

Pour renouveler son certificat d'enregistrement, l'organisation internationale non gouvernementale transmet à l'organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement les documents suivants:

1° ibaruwa isaba kongererwa igihe iherekejwe na kopi y'icyemezo cy'uko umuryango wari wanditswe;

1° an application letter for renewal together with a copy of the previous certificate of registration;

1° une lettre de demande de renouvellement accompagnée d'une copie du certificat d'enregistrement antérieurement délivré;

2° gahunda y'ibiteganywa gukorwa, ingengo y'imari izakoreshwa n'inkomoko yayo.

2° an action plan, budget and its source;

2° un plan d'action, le budget prévisionnel et ses sources;

Iteka rya Minisitiri ufite imiryango mvamahanga itari iya Leta mu nshingano ze rigena ibindi byasabwa mu gihe cyo kongererwa igihe.

An Order of the Minister in charge of international non-governmental organisations shall determine additional requirements for renewal application.

Un arrêté du Ministre ayant des organisations internationales non gouvernementales dans ses attributions détermine d'autres conditions pour la demande de renouvellement.

Gusaba kongerera igihe icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe bikorwa nibura iminsi 30 mbere y'uko icyemezo wari usanganywe kirangira.

The application for renewal of the certificate of registration of an international non-governmental organisation shall be lodged at least thirty (30) days prior to the expiration date of the existing certificate.

La demande de prolongation du délai du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale est faite au moins trente (30) jours avant l'expiration de son actuel certificat.

Icyemezo cyongerera igihe icyemezo cy'uko

The renewal of the certificate of registration

Le certificat de renouvellement du certificat

umuryango wanditswe kimara igihe kitarenze imyaka itanu (5).

**Ingingo ya 13: Kwangirwa kongererwa igihe**

Iyo urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rwanze kongera igihe cy'icyemezo cy'uko umuryango wanditswe rugaragaza impamvu rwashingiyeho kandi rukabimenyesha uhagarariye umuryango mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe ibaruwa isaba kongererwa igihe yakiriwe.

Iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta wangiwe kongerwa igihe ushobora kuregera urukiko rubifitiye ubufasha mu gihe, kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe igisubizo cyatangirwe.

**Ingingo ya 14: Impamvu zo kutongerera igihe icyemezo cy'uko umuryango mvamahanga utari uwa Leta wanditswe**

Icyemezo cy'uko umuryango wanditswe nticyongererwa igihe iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta ubisaba utujuje ibiteganywa n'ingingo ya 7 n'ya 12 z'iri tegeko.

shall be valid for a period not exceeding five (5) years.

**Article 13: Refusal to renew the certificate of registration**

Where the authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning refuses to renew the certificate of registration, it shall specify the reasons thereof to the representative of the concerned organisation within thirty (30) days from the date of receipt of the renewal application letter.

An international non-governmental organisation may appeal to the competent court against the decision of refusal to renew its certificate of registration within thirty (30) days from the date of the receipt of the notice of such a decision.

**Article 14: Reasons for refusal to renew the certificate of registration of an international non-governmental organisation**

The renewal of the certificate of registration shall not be granted to the applicant international non-governmental organisation if it does not comply with the requirements under Articles 7 and 12 of this Law.

d'enregistrement est valide pour une période ne dépassant pas cinq (5) ans.

**Article 13: Refus de renouvellement du certificat d'enregistrement**

Lorsque l'organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement refuse de renouveler le certificat d'enregistrement, il est tenu de justifier les raisons de son refus et en informer le représentant de l'organisation concernée endéans trente (30) jours, à compter de la date de réception de la lettre de demande de renouvellement.

L'organisation internationale non gouvernementale dont la demande de renouvellement du certificat d'enregistrement est rejetée peut saisir une juridiction compétente endéans trente jours (30) à compter de la réception de la décision de refus.

**Article 14: Motifs de refus de renouvellement du certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale**

Le renouvellement du certificat d'enregistrement n'est pas accordé si l'organisation internationale non gouvernementale requérante ne remplit pas les conditions visées aux articles 7 et 12 de la présente loi.

**UMUTWE WA III: GUTANGA AKAZI**

**Ingingo ya 15: Abakozi b'abanyamahanga**

Bitabangamiye amategeko agenga umurimo mu Rwanda, abakozi b'abanyamahanga bemererwa gukora akazi mu muryango mvamahanga utari uwa Leta hashingiwe ku mategeko agenga abinjira n'abasohoka mu Rwanda.

**Ingingo ya 16: Guha akazi abenegihugu**

Abenegihugu bahabwa akazi n'umuryango mvamahanga utari uwa Leta kandi bagacungwa hakurikijwe amategeko agenga umurimo mu Rwanda.

**UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO**

**Ingingo ya 17: Uburenganzira bw'umuryango mvamahanga utari uwa Leta**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ufite uburenganzira bukurikira:

1° gutanga ibitekerezo ku bijyanye na politiki z'igihugu no kugaragaza ibyifuzo byawo mu itegurwa rya politiki z'igihugu n'amategeko mu bijyanye n'ibikorwa byawo;

**CHAPTER III: RECRUITMENT OF PERSONNEL**

**Article 15: Expatriate employees**

Without prejudice to laws and regulations governing labour in Rwanda, the recruitment of expatriates by an international non-governmental organization shall comply with laws on immigration and emigration in Rwanda.

**Article 16: Recruitment of national employees**

Recruitment and management of national employees by an international non-governmental organization shall comply with laws and regulations governing labour in Rwanda.

**CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS**

**Article 17: Rights of an international non-governmental organisation**

An international non-governmental organisation shall have the following rights:

1° to put forward views on national policies and suggest recommendations relating to the national policy designing and legislation related to its activities;

**CHAPITRE III: RECRUTEMENT DU PERSONNEL**

**Article 15 : Personnel expatrié**

Sans préjudice des dispositions de la législation du travail au Rwanda, le personnel expatrié est autorisé à travailler pour une organisation internationale non gouvernementale conformément aux lois sur l'immigration et l'émigration au Rwanda.

**Article 16 : Recrutement du personnel national**

Le recrutement et la gestion du personnel national par une organisation internationale non gouvernementale se font conformément aux dispositions de la législation du travail au Rwanda.

**CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS**

**Article 17 : Droits d'une organisation internationale non gouvernementale**

Une organisation internationale non gouvernementale jouit des droits suivants :

1° donner des avis sur les politiques nationales et émettre des propositions relatives à la définition des politiques nationales et à l'élaboration des lois en rapport avec son champ

2° gukora ubuvugizi mu bijyanye n'ibyo ukora;

3° kugirana amasezerano n'ubufatanye n'indi miryango yemewe n'amategeko n'izindi nzego;

4° gusonerwa imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga.

2° to advocate within its activities;

3° to enter into agreements and partnerships with other organisations and legal entities;

4° to enjoy tax exemption in accordance with relevant laws.

d'activités;

2° faire le plaidoyer dans son domaine d'activités;

3° collaborer et signer des accords de partenariat avec d'autres organisations reconnues par la loi et d'autres entités ;

4° bénéficier de l'exonération de taxes et impôts conformément aux lois en la matière.

**Ingingo ya 18: Inshingano z'umuryango mvamahanga utari uwa Leta**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ufite inshingano zikurikira:

1° kugira uwuhagarariye mu Rwanda;

2° kugira icyicaro kizwi mu Rwanda;

3° kunyuzwa amafaranga yawo mu bigo by'imari byemewe mu Rwanda;

4° kutarenza makumyabiri ku ijana (20%) by'ingengo y'imari igenewe ibikorwa bya buri muni byawo ubikoresha muri gahunda z'ibikorwa bidafiteye inyungu abo ugamije gufasha. Umuryango mvamahanga utari uwa Leta uteganya kurenza

**Article 18: Obligations of an international non-governmental organisation**

Any international non-governmental organisation shall have the following obligations:

1° to have its representative in Rwanda;

2° to have a known head office in Rwanda;

3° to carry out funds transfer through financial institutions legally operating in Rwanda;

4° not to exceed twenty percent (20%) of its budget on overhead costs in programs that are not in the interest of its beneficiaries. Any international non-governmental organisation intending to spend more than twenty percent (20%)

**Article 18 : Obligations d'une organisation internationale non gouvernementale**

Toute organisation internationale non gouvernementale a des obligations suivantes:

1° avoir un représentant au Rwanda ;

2° avoir un siège connu au Rwanda ;

3° opérer des transferts de fonds à travers les institutions financières agréées au Rwanda ;

4° ne pas utiliser plus de vingt pour cent (20%) de son budget alloué aux activités quotidiennes dans les programmes qui ne profitent pas à sa population cible. Une organisation internationale non gouvernementale

makumyabiri ku ijana (20%) by'ingengo y'imari yawo igenewe ibikorwa bya buri muni ubitangira impamvu mu nyandiko igezwa ku rwego rushinzwe kwandika no gukurikirana imikorere y'imiryango mvamahanga itari iya Leta;

5° kubahiriza imiterere ya gahunda n'ibikorwa washingiyeho wiyandikisha ibihinduwe bikamenyeshwa urwego rubishinzwe;

6° gushyikiriza urwego rubishinzwe raporo y'ibikorwa by'umwaka ushize na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira;

7° kudakoresha umutungo uturutse mu buryo butemewe n'amategeko.

of its budget on overhead costs shall provide explanations in writing, to the authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning;

5° to comply with the nature of its activities and action plan as provided for at the time of registration and to communicate any changes to the competent authority;

6° to submit to the competent authority the activity report of the previous year and the plan of action for the following year;

7° not to use resources illegally acquired.

qui compte utiliser plus de vingt pour cent (20%) de son budget alloué aux activités quotidiennes est tenue d'en expliquer les raisons par écrit à l'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales;

5° se conformer à la nature de ses activités et au plan d'action présenté au moment de l'enregistrement et tout changement est communiqué à l'organe compétent;

6° soumettre à l'organe compétent le rapport d'activités pour l'année précédente et le plan d'action pour l'année suivante;

7° ne pas utiliser les fonds dont la source est illicite.

## **UMUTWE WA V: ITANGWA CYANGWA IGURISHWA RY'IBIKORESHO**

### **Ingingo ya 19: Itangwa ry'ibikoresho by'umuryango mvamahanga utari uwa Leta**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushaka kureka gukomeza cyangwa kugabanya ibikorwa byawo mu gihugu ufite uburenganzira bwo gutangaho impano ibikoresho byawo ku muryango

## **CHAPTER V: GRANT OR SALE OF EQUIPMENT**

### **Article 19: Grant of equipment of an international non-governmental organisation**

An international non-governmental organisation intending to close or scale down its operations in the country shall be free to transfer its equipment in the form of donations to a

## **CHAPITRE V : DON OU VENTE D'EQUIPEMENTS**

### **Article 19: Don des équipements d'une organisation internationale non gouvernementale**

Une organisation internationale non gouvernementale qui se propose de clôturer ou de réduire ses activités dans le pays est libre de transférer, sous forme de don, ses

nyarwanda utari uwa Leta bihujye ibikorwa cyangwa bifitanye isano.

Icyakora, iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta ugaragaje impamvu yumvikana ko ibyo bikoresho ubikeneye urabihabwa.

Urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rugena ibyubahirizwa mu gutanga ibikoresho iyo umuryango mvamahanga utari urangije ibikorwa byawo.

#### **Ingingo ya 20 : Igurishwa ry'ibikoresho**

Iyo umuryango mvamahanga utari uwa Leta ugikomeza imirimo yawo, ushobora kugurisha ibikoresho byawo hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko kandi hitawe ku byumvikanyweho hagati y'umuryango na Minisiteri tekiniki bireba mu bijyanye n'imari n'imirungire myiza.

Iryo gurisha rigenzurwa na Minisiteri ibifitiye ububasha bwo mu rwego rwa tekiniki, urwego rushinzwe kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta hamwe na Minisiteri ifite mu nshingano zayo ibikoresho bya Leta keretse iyo hari amasezerano yabaye abiteganywa ukundi kandi yarabanje kumenyeshwa Minisiteri ibifitiye ububasha bwa tekiniki.

registered national non- governmental organisation undertaking the same or similar activities.

However, if an international non- governmental organisation indicates a clear reason that it genuinely needs such equipment it shall keep them.

The authority in charge of registration of international non- governmental organisations and monitoring of their functioning shall determine procedure to transfer equipment of an international non-governmental organisation closing its operations.

#### **Article 20: Sale of equipment**

Where an international non- governmental organisation continues to carry on its activities, it may sell its equipment in conformity with existing laws in Rwanda and agreement between the concerned organisation and the line Ministry concerning the financial and property management.

Such a sale shall be supervised by the relevant line Ministry, the authority in charge of registration of international non -governmental organisations and monitoring of their functioning as well as the Ministry in charge of public equipment, unless there exists agreements that provide otherwise which were previously notified to the relevant line Ministry.

équipements à une organisation nationale non gouvernementale exerçant des activités similaires aux siennes.

Toutefois, si l'organisation internationale non gouvernementale exprime clairement son intention de garder les équipements, elle les conserve.

L'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales détermine la procédure de transfert d'équipements lorsqu'une organisation internationale non-gouvernementale clôture ses activités.

#### **Article 20 : Vente des équipements**

Lorsqu'une organisation internationale non gouvernementale poursuit toujours ses activités, elle peut vendre ses équipements en conformité avec les dispositions légales en la matière et les accords entre elle et le Ministère technique concerné relatifs aux finances et à la gestion du patrimoine.

La vente de ces équipements se fait sous la supervision conjointe du Ministère technique, de l'organe chargé de l'enregistrement et du suivi du fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales et du Ministère ayant les équipements publics dans ses attributions à moins des accords préalablement communiqués au Ministère

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, amafaranga avuye mu igurishwa ry'ibikoresho akomeza gukoreshwa mu bikorwa by'uwo muriyango.

**UMUTWE WA VI: IKURIKIRANABIKORWA N'ISUZUMAMIKORERE**

**Ingingo ya 21: Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa by'imiryango mvamahanga itari iya Leta**

Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa by'imiryango mvamahanga itari iya Leta bikorwa na Minisiteri ibifitiye ububasha bwa tekinike ifatanyije n'urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo.

**Ingingo ya 22: Igenzura ry'ibikorwa n'iry'imikoreshereze y'imari**

Bisabwe n'urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rufatanyije na Minisiteri tekinike cyangwa rumwe muri izo nzego, umuryango mvamahanga utari uwa Leta ushobora gusabwa gukoresha igenzura ry'ibikorwa byawo n'iry'imikoreshereze y'imari mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90) uhaye ku muni

Notwithstanding the provisions of Paragraph 2 of this Article, the organisation shall have rights to the management and use of money collected from the sales of equipment.

**CHAPTER VI: MONITORING AND EVALUATION OF ACTIVITIES**

**Article 21: Monitoring and evaluation of activities of international non-governmental organisations**

The monitoring and evaluation of activities of international non-governmental organisations shall be conducted by the line Ministry in collaboration with the authority in charge of registration of the international non-governmental organisations and the monitoring of their functioning.

**Article 22: Audit of activities and finances**

On request from the authority in charge of registration of international non-governmental organisations and monitoring of their functioning in collaboration with the relevant line Ministry or one of them, any international non-governmental organisation may be requested to conduct internal audit on its activities and finances within ninety (90) days

technique compétent en disposent autrement.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, l'organisation jouit du droit d'utilisation de l'argent issu de la vente des équipements.

**CHAPITRE VI: SUIVI ET EVALUATION DES ACTIVITES**

**Article 21 : Suivi et évaluation des activités des organisations internationales non gouvernementales**

Le suivi et l'évaluation des activités des organisations internationales non gouvernementales sont assurés par le Ministère technique compétent en collaboration avec l'organe ayant l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement dans ses attributions.

**Article 22 : Audit des activités et des finances**

A la demande conjointe de l'organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement et du Ministère technique compétent, ou de l'un d'eux, une organisation internationale non gouvernementale peut être appelée à procéder à un audit de ses activités et finances endéans

uboneyeho urwandiko rubisaba.

from the date of receipt of the written request.

quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la réception de la lettre de demande.

Raporo y'igenzura ishyikirizwa urwego rwayisabye.

The audit report shall be submitted to the authority having requested it.

Le rapport d'audit est soumis à l'organe qui l'a requis.

**Ingingo ya 23: Inkomoko y'umutungo itubahirije amategeko**

**Article 23: Unlawful sources of property**

**Article 23: Sources illégales du patrimoine**

Umuryango mvamahanga utari uwa Leta ukoresha umutungo ukomoka mu nzira zitemewe n'amategeko ukurikiranwa mu nkiko z'u Rwanda zibifitiye ububasha.

Any international non-governmental organisation which uses property from unlawful sources shall be prosecuted before competent courts of law in Rwanda.

Une organisation internationale non gouvernementale qui utilise le patrimoine provenant des sources illégales est poursuivie devant les juridictions rwandaises compétentes.

**Ingingo ya 24: Gusabwa kwikosora**

**Article 24: Warning**

**Article 24 : Mise en garde**

Iyo urwego rufite mu nshingano zarwo kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo rushingiye ku igenzura ryakozwe nk'uko biteganywa mu ngingo ya 22 y'iri tegeko, rusanze umuryango mvamahanga utari uwa Leta warakoze ikosa rijyanye n'akazi ruwandikira ruwihanangiriza kandi ruwusaba kwikosora.

Where the authority in charge of registration of international non- governmental organisations and monitoring of their functioning on the basis of the audit report conducted as provided for under Article 22 of this Law, finds that the international non-governmental organisation committed a disciplinary fault, it shall address a warning letter to the concerned organisation.

Lorsque l'organe chargé de l'enregistrement des organisations internationales non gouvernementales et du suivi de leur fonctionnement constate, à la lumière du rapport de l'audit réalisé conformément aux dispositions de l'article 22 de la présente loi, que l'organisation internationale non-gouvernementale a commis une faute disciplinaire, il lui adresse une mise en garde par écrit en lui demandant de se corriger.

**UMUTWE WA VII: GUKEMURA IMPAKA**

**CHAPTER VII: CONFLICT RESOLUTION**

**CHAPITRE VII : RESOLUTION DE CONFLITS**

**Ingingo ya 25: Gukemura amakimbirane**

**Article 25: Conflict resolution**

**Article 25 : Résolution des conflits**

Amakimbirane yose avutse hagati y'umuryango mvamahanga utari uwa Leta n'indi miryango

Any conflict arising between an international non-governmental organization and other

Tout litige qui surgit entre une organisation internationale non gouvernementale et

cyangwa n'izindi nzego akemurwa mu buryo bw'ubwumvikane.

Iyo ubwumvikane budashobotse, ikirego gishyikirizwa urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA VIII: GUHAGARIKA IBIKORWA**

**Ingingo ya 26:** Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa by'umuryango mvamahanga utari uwa Leta, iry'uwuhagarariye cyangwa iry'umukozi wawo

